

<b>ISOBANURAMPAMVU Y'UMUSHINGA W'ITEGEKO RIGENA IMIRYANGO ITARI IYA LETA</b>	<b>EXPLANATORY NOTE OF THE DRAFT LAW GOVERNING NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS</b>	<b>EXPOSE DES MOTIFS DU PROJET DE LOI PORTANT DES ORGANISATIONS NON-GOUVERNEMENTALES</b>
<p><b>1. Intangiriro</b></p> <p>Mu imyaka cumi n'ibiri (12) Imiryango itari iya Leta igenwa n'Itegeko n° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 ndetse n'Itegeko n° 05/2012 ryo kuwa 17/02/2012. Aya mategeko yose akaba yarafashije cyane mu byerekeranye no kunoza imikorere y'Imiryango itari iya Leta.</p> <p>Iyo miryango ikaba igira uruhare rukomeye rwo kunganira Leta mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage ndetse no mu iterambere ry'Igihugu muri rusange. Cyakora mu gihe aya mategeko amaze akoreshwa, hari zimwe mu mbogamizi ndetse n'ibyaho byagiye bigaragara bisaba kubonerwa ibisubizo ndetse no kuyahuza ni gihe.</p> <p><b>2. Imbogamizi zagaragaye mu mategeko yavuzwe haruguru</b></p>	<p><b>1. Introduction</b></p> <p>For the last twelve (12) years, national and international non- governmental organisations are governed by the Law n° 04/2012 of 17/02/2012 and the Law n° 05/2012 of 17/02/2012 respectively. These laws have been very helpful in terms of improving the performance of non-governmental organisations.</p> <p>These organizations play a vital role in promoting the welfare of the people and the development of the country in general. However, in implementing these laws in force, some challenges and gaps were identified that needs to be fixed as well as aligning them with the current situation.</p> <p><b>2. Challenges identified in the above mentioned laws</b></p> <p><b>2.1.No distinction between different categories of national non-governmental organisations</b></p>	<p><b>1. Introduction</b></p> <p>Depuis douze (12) ans, les organisations non gouvernementales nationales et internationales sont régies par la loi n° 04/2012 du 17/02/2012 et la loi n° 05/ 2012 du 17/02/2012 respectivement. Ces lois ont été très utiles en termes d'amélioration de la performance des organisations non gouvernementales.</p> <p>Ces organisations soutiennent l'État dans la promotion du bien-être de la population et dans le développement du pays dans son ensemble. Cependant, lors de la mise en œuvre de ces lois en vigueur, certains défis et lacunes ont été identifiés et doivent être corrigés et alignés sur la situation actuelle.</p> <p><b>2. Défis dans les lois précitées</b></p> <p><b>2.1. Aucune distinction entre les différentes catégories d'organisations non-gouvernementales nationales</b></p>

<p><b>2.1. Nta tandukaniro riri hagati y'ibyiciro bitandukanye by'imiryango Nyarwanda itari iya Leta</b></p> <p>Itegeko risanzwe rigenga imiryango Nyarwanda itari iya Leta ntirigaragaza itandukaniro riri hagati y'ibyiciro bitandukanye by'Imiryango Nyarwanda itari iya Leta haba mu bisabwa cyangwa ibyo igomba kuba yujuje kugira ngo ikore mu buryo bunoze.</p> <p>Mu Itegeko risanzwe kandi nta ngingo n'imwe iteganya uburyo imiryango Nyarwanda itari iya Leta ishobora kwishyira hamwe igashinga impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango ndetse n'ibyerekeye imikorere yabyo. Kuko mu mikorere yayo ya buri muni, hari igihe kwishyira hamwe biba ngombwa ko tuvugurura iri tegeko.</p> <p>Ibi kandi byanagaragaye mu mitunganyirize n'imikorere by'imiryango Mpuzamahanga itari iya Leta, ntabwo ryateganyaga ko imiryango Mpuzamahanga ishobora kuvukira mu Rwanda nyamara hari ihavukira. Ibyo nabyo rero byatumye hakenerwa kurivugurura kugirango iyi ngingo nayo yitabweho.</p>	<p>The Law governing national non-governmental organisations in force does not clearly distinguish different categories of national non-governmental in terms of criteria and requirements for effective operations.</p> <p>In the current law on national non-governmental organisations, there is no single article that regulates how national non-governmental organisations can come together and form umbrellas and fora, and how these umbrellas and fora can function. It was noticed during their operations that in their daily functioning, forming umbrellas and fora is vital and this necessitated the reviewing of the current law.</p> <p>The same shortcomings were identified in the process of implementing the law on the organisation and functioning of international non-governmental organisations where the law did not consider such organisations that are established in Rwanda and this necessitated its review to cover this aspect.</p>	<p>La loi régissant les organisations non gouvernementales nationales en vigueur ne distingue pas clairement les différentes catégories d'organisations non gouvernementales nationales en termes de critères et d'exigences pour un fonctionnement efficace.</p> <p>Dans la loi actuelle sur les organisations non gouvernementales nationales, il n'existe aucun article unique qui régleme la manière dont les organisations non gouvernementales nationales peuvent se rassembler et former des organisations collectives et des forums, ni comment ces organisations collectives et des forums peuvent fonctionner. Au cours de leurs opérations, il a été constaté que dans leur fonctionnement quotidien, la formation de collectifs et des forums est vitale et cela a nécessité la révision de la loi en vigueur.</p> <p>Les mêmes lacunes ont été identifiées dans le processus de mise en œuvre de la loi portant organisation et fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales où la loi ne prenait pas en compte les organisations établies au Rwanda, ce qui a nécessité sa révision pour couvrir cet aspect.</p>
---	--	---

<p><b>2.2.Kugira itegeko rimwe rigena imiryango itari iya Leta</b></p> <p>Nyuma yo kubona ko imiryango itari iya Leta yaba imiryango Nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango Mpuzamahanga itari iya Leta yose ifite intego imwe ariyo kugira uruhare mu kunganira Leta mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage ndetse no mu iterambere ry'Igihugu muri rusange; nyuma yo kuganira n'abafatanyabikorwa ku mitunganyirize n'imikorere by'iyi miryango, bagaragaje ko byaba byiza ayo mategeko yombi ahujwe akaba itegeko rimwe kugirabwo byorohere abarikoresha. Ibyo byatumye hakorwa itegeko rimwe rigena imiryango itari iya leta mu Rwanda.</p> <p><b>2.3.Guhuza n'itegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere</b></p> <p>Itegeko n°56/2016 ryo ku wa 16/12/2016 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rikanagenda inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo iha urwo</p>	<p><b>2.2.Having a single law governing non-governmental organisations</b></p> <p>After realising that the only objective of non governmental organisations whether national or international is promoting the welfare of the people and the development of the country in general, after consulting stakeholders it was realised that, it would be better to merge the two laws into a single law to ease its usage. This led to the development of a single law that governs non-governmental organisations in Rwanda.</p> <p><b>2.3.Harmonizing with the law establishing Rwanda Governance Board</b></p> <p>Law n°56/2016 of 16/12/2016 establishing the Rwanda Governance Board and determining its mission, organisation and functioning gives it a responsibility of registering, granting legal personality of Non governmental organisation and monitoring their functioning. The Law n° 05/2012 of 17/02/2012 governing the organisation and</p>	<p><b>2.2. Avoir une loi unique régissant les organisations non gouvernementales</b></p> <p>Après avoir réalisé que le seul objectif des organisations non gouvernementales, qu'elles soient nationales ou internationales, est de promouvoir le bien-être du peuple et le développement du pays en général, après avoir consulté les parties prenantes, il a été réalisé qu'il serait préférable de fusionner les deux lois en une seule pour faciliter son usage. Cela a conduit à l'élaboration d'une loi unique qui régit les organisations non-gouvernementales au Rwanda.</p> <p><b>2.3. Harmoniser avec la loi portant création de l'Office Rwandais de la Gouvernance</b></p> <p>Loi n°56/2016 du 16/12/2016 de l'Office Rwandais de la Gouvernance et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement lui confère la responsabilité d'enregistrer, d'accorder la personnalité juridique aux Organisations Non Gouvernementales et de</p>
--	--	--

<p>Rwego inshingano yo kwandika no gutanga ubuzimagatozi ku miryango Nyarwanda itari iya Leta n'imiryango mpuzamahanga itari iya Leta no gukurikirana imikorere yayo. Naho Itegeko n° 05/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Imiryango Mpuzamahanga itari iya Leta yahaga iyo nshingano Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu gihugu yo kuba aribwo bwandika bukanagenzura imikore yayo. Byabaye ngombwa rero guhuza aya mategeko yombi kandi bijyanye n'umurongo Igihugu cyifuza mu gukurikirana imikorere y'iyi miryango itari iya Leta.</p> <p><b>3. Imiterere y'umushinga w'iri tegeko</b></p> <p>Uyu mushinga w'itegeko ugizwe n'imitwe itandatu ikubiyemo ingingo 48. Iyo mitwe iteye mu buryo bukurikira:</p> <p>➤ <b>Umutwe wa mbere:</b> Ingingo rusange. Uyu mutwe ugizwe n'ingingo 16;</p>	<p>functioning of international non- governmental organisations on the other hand entrusts the Directorate of Migration and Emigration to register and monitor functioning of international non- governmental organisations. This necessitated to harmonise the two laws in line and mindful of the country's orientation while monitoring the functioning of non- governmental organisations.</p> <p><b>3. The structure of this draft law</b></p> <p>This draft law consists of 6 chapters, containing 48 articles. The chapters are as follows:</p> <p>➤ <b>Chapter One:</b> General provisions. This chapter consists of 16 articles.</p> <p>➤ <b>Chapter II:</b> Special provisions for national non-governmental organisations. This chapter consists of 10 articles.</p>	<p>contrôler leur fonctionnement. La loi n° 05/2012 du 17/02/2012 régissant l'organisation et le fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales charge en revanche la Direction des Migrations et de l'Émigration d'enregistrer et de contrôler le fonctionnement des organisations internationales non gouvernementales. Cela a nécessité d'harmoniser les deux lois en tenant compte de l'orientation du pays tout en surveillant le fonctionnement des organisations non gouvernementales.</p> <p><b>3. La structure du projet</b></p> <p>Ce projet de loi comprend 6 chapitres, contenant 48 articles. Les chapitres sont les suivants:</p> <p>➤ <b>Chapitre premier:</b> Dispositions générales. Ce chapitre est composé de 16 articles;</p> <p>➤ <b>Chapitre II:</b> Dispositions spéciales pour les organisations nationales non gouvernementales. Ce chapitre est composé de 10 articles.</p>
--	---	--

<ul style="list-style-type: none"> <li>➤ <b>Umutwe wa II:</b> Ingingo zihariye ku miryango nyarwanda itari iya Leta. Uyu mutwe ugizwe n'ingingo 10;</li> <li>➤ <b>Umutwe wa III:</b> Gukemura Amakimbirane. Uyu mutwe ugizwe n'ingingo 5;</li> <li>➤ <b>Umutwe wa IV:</b> Ingingo zihariye ku imiryango mpuzamahanga itari iya Leta. Uyu mutwe ugizwe n'ingingo 8;</li> <li>➤ <b>Umutwe wa V:</b> Amakosa n'ibihano byayo. Uyu mutwe ugizwe n'ingingo 5;</li> <li>➤ <b>Umutwe wa VI:</b> Ingingo z'inzibacyuho n'izisoza. Uyu mutwe ugizwe n'ingingo 4.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>➤ <b>Chapter III:</b> Conflict resolution. This chapter consists of 5 articles.</li> <li>➤ <b>Chapter IV:</b> Particular provisions for international non-governmental organisations. This chapter consists of 8 articles.</li> <li>➤ <b>Chapter V:</b> Faults and their sanctions. This chapter consists of 5 articles;</li> <li>➤ <b>Chapter VI:</b> Transitional and final provisions. This chapter consists of 4 sections.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>➤ <b>Chapitre III:</b> Résolution des conflits. Ce chapitre est composé de 5 articles;</li> <li>➤ <b>Chapitre IV:</b> Dispositions spéciales pour les Organisations internationales non gouvernementales. Ce chapitre est composé de 8 articles.</li> <li>➤ <b>Chapitre V:</b> Les fautes et leurs sanctions. Ce chapitre est composé de 5 articles;</li> <li>➤ <b>Chapitre VI:</b> Dispositions transitoires et finales. Ce chapitre est composé de 4 sections.</li> </ul>
--	--	--

<p><b>UMUSHINGA W'ITEGEKO N° ..... RYO KU WA ..... RIGENGA IMIRYANGO ITARI IYA LETA</b></p>	<p><b>DRAFT LAW N° ..... OF ..... GOVERNING NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS</b></p>	<p><b>PROJET DE LOI N° ..... DU ..... RÉGISSANT LES ORGANISATIONS NON GOUVERNEMENTALES</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p>	<p><b><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Scope of application</u></b></p>	<p><b><u>Article 2 : Champ d'application</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Isobanura</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Interpretation</u></b></p>	<p><b><u>Article 3 : Interprétation</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO ZIREBANA N'IMIKORERE Y'UMURYANGO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: COMMON PROVISIONS RELATING TO FUNCTIONING OF AN ORGANISATION</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II : DISPOSITIONS COMMUNES RELATIVES AU FONCTIONNEMENT D'UNE ORGANISATION</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Amategeko shingiro</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Statutes</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Statuts</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Ubwisanzure bw'umuryango</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Autonomy of an organisation</u></b></p>	<p><b><u>Article 5 : Autonomie d'une organisation</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Ubuzimagatozi n'icyemezo cy'iyandikwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Legal personality and certificate of registration</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Personnalité juridique et du certificat d'enregistrement</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Uburenganzira bw'umuryango</u></b></p>	<p><b><u>Article 7: Rights of an organisation</u></b></p>	<p><b><u>Article 7 : Droits d'une organisation</u></b></p>

<b><u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano z’umuryango</b>	<b><u>Article 8:</u> Obligations of an organisation</b>	<b><u>Article 8 :</u> Obligations d’une organisation</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Gukora ibikorwa by’ubucuruzi</b>	<b><u>Article 9:</u> Carrying out commercial activities</b>	<b><u>Article 9 :</u> Exercice d’activités commerciales</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Ibisabwa mu guhindura izina</b>	<b><u>Article 10:</u> Requirements for change of name</b>	<b><u>Article 10 :</u> Conditions requises pour le changement de nom</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Imikorere ibujijwe</b>	<b><u>Article 11:</u> Operational restrictions</b>	<b><u>Article 11 :</u> Restrictions opérationnelles</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Ubufatanye mu iterambere</b>	<b><u>Article 12:</u> Partnership in development</b>	<b><u>Article 12 :</u> Partenariat au développement</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Igenzura ry’ibikorwa n’iry’imikoreshereze y’imari</b>	<b><u>Article 13:</u> Audit of operations and financial management</b>	<b><u>Article 13 :</u> Audit des opérations et de gestion financière</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Kugurisha umutungo</b>	<b><u>Article 14:</u> Sale of assets</b>	<b><u>Article 14 :</u> Vente d’actifs</b>
<b><u>UMUTWE WA III:</u> INGINGO ZIHARIYE KU MIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA</b>	<b><u>CHAPTER III:</u> PROVISIONS SPECIFIC TO NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS</b>	<b><u>CHAPITRE III :</u> DISPOSITIONS PROPRES AUX ORGANISATIONS NON GOUVERNEMENTALES NATIONALES</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Ishingwa ry’umuryango nyarwanda utari uwa Leta</b>	<b><u>Article 15:</u> Establishment of national non-governmental organisation</b>	<b><u>Article 15 :</u> Création d’une organisation non gouvernementales nationale</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Ibyiciro by'imiryango nyarwanda itari iya Leta</b>	<b><u>Article 16:</u> Categories of national non-governmental organisations</b>	<b><u>Article 16 :</u> Catégories d’organisations non gouvernementales nationales</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Ubuzimagatozi bw’umuryango nyarwanda utari uwa Leta</b>	<b><u>Article 17:</u> Legal personality of a national non-governmental organisation</b>	<b><u>Article 17 :</u> Personnalité juridique d’une organisation non gouvernementale nationale</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Ibisabwa igihe cyo gusaba</b>	<b><u>Article 18:</u> Requirements for applying for</b>	<b><u>Article 18 :</u> Conditions requises de demande</b>

<p>ubuzimagatozi</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Ibikubiye mu mategeko shingiro y’umuryango nyarwanda utari uwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Gushinga impuzamiryango n’ihuriro ry’impuzamiryango</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Ibisabwa igihe cyo gusaba ubuzimagatozi bw’impuzamiryango cyangwa ubw’ihuriro ry’impuzamiryango</p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Ibikubiye mu mategeko shingiro y’impuzamiryango n’ay’ihuriro ry’impuzamiryango</p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Iseswa rikozwe n’urwego rukuru</p> <p><b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Ibisabwa mu iseswa</p> <p><b>UMUTWE WA IV: INGINGO ZIHARIYE KU MIRYANGO MPUZAMAHANGA ITARI IYA LETA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Gusaba icyemezo cy’iyandikwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Ibisabwa mu kwiandikisha umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta</p>	<p>legal personality</p> <p><b><u>Article 19:</u></b> Content of statutes of a national non-governmental organisation</p> <p><b><u>Article 20:</u></b> Establishment of an umbrella and forum of umbrellas</p> <p><b><u>Article 21:</u></b> Application requirement for legal personality of an umbrella or forum of umbrellas</p> <p><b><u>Article 22:</u></b> Content of statutes of an umbrella and forum of umbrellas</p> <p><b><u>Article 23:</u></b> Dissolution done by the supreme organ</p> <p><b><u>Article 24:</u></b> Requirements for dissolution</p> <p><b>CHAPTER IV: PROVISIONS SPECIFIC TO INTERNATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS</b></p> <p><b><u>Article 25:</u></b> Application for a certificate of registration</p> <p><b><u>Article 26:</u></b> Requirements for registration of an international non-governmental</p>	<p>de la personnalité juridique</p> <p><b><u>Article 19 :</u></b> Contenu des statuts d’une organisation non gouvernementales nationales</p> <p><b><u>Article 20 :</u></b> Création d’un collectif ou d’un forum des collectifs</p> <p><b><u>Article 21 :</u></b> Conditions de demande de la personnalité juridique pour un collectif ou un forum des collectifs</p> <p><b><u>Article 22 :</u></b> Contenu des statuts d’un collectif et d’un forum des collectifs</p> <p><b><u>Article 23 :</u></b> Dissolution faite par l’organe suprême</p> <p><b><u>Article 24 :</u></b> Conditions de dissolution</p> <p><b>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS PROPRES AUX ORGANISATIONS NON GOUVERNEMENTALES INTERNATIONALES</b></p> <p><b><u>Article 25 :</u></b> Demande d’un certificat d’enregistrement</p> <p><b><u>Article 26 :</u></b> Conditions pour l’enregistrement d’une organisation non</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Ibisabwa mu gusaba ubuzimagatozi bw'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe mu Rwanda</p> <p><b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Ibisabwa mu gihe cyo kongerera igihe icyemezo cy'iyandikwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Ibindi bisabwa ku muryango mpuzamahanga utari uwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Impamvu zo kutongera igihe icyemezo cy'iyandikwa cy'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 31:</u></b> Ubuyo umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wivanaho umutungo</p> <p><b><u>Ingingo ya 32:</u></b> Ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 33:</u></b> Ibisabwa umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wifuza guhagarika ibikorwa byawo</p> <p><b>UMUTWE WA V: GUKEMURA</b></p>	<p><b>organisation</b></p> <p><b><u>Article 27:</u></b> Application requirements for legal personality of an international non-governmental organisation established in Rwanda applying</p> <p><b><u>Article 28:</u></b> Requirements for the renewal of certificate of registration</p> <p><b><u>Article 29 :</u></b> Additional requirements applicable to an international non-governmental organisation</p> <p><b><u>Article 30:</u></b> Reasons for refusal to renew the certificate of registration of an international non-governmental organisation</p> <p><b><u>Article 31:</u></b> Modalities for disposal of assets of an international non-governmental organisation</p> <p><b><u>Article 32:</u></b> Suspension of activities</p> <p><b><u>Article 33:</u></b> Requirements for an international non-governmental organisation that wishes to close down its activities</p> <p><b>CHAPTER V: CONFLICT RESOLUTION</b></p>	<p><b>gouvernementale internationale</b></p> <p><b><u>Article 27 :</u></b> Conditions de demande de personnalité juridique pour une organisation non gouvernementale internationale établie au Rwanda</p> <p><b><u>Article 28 :</u></b> Conditions de renouvellement du certificat d'enregistrement</p> <p><b><u>Article 29 :</u></b> Autres conditions applicables à une organisation internationale non gouvernementale</p> <p><b><u>Article 30 :</u></b> Raisons de ne pas renouveler le certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale</p> <p><b><u>Article 31 :</u></b> Modalités de disposition des actifs d'une organisation non gouvernementale internationale</p> <p><b><u>Article 32 :</u></b> Suspension des activités</p> <p><b><u>Article 33 :</u></b> Conditions requises pour une organisation internationale non gouvernementale qui souhaite cesser ses activités</p>
---	---	---

<p><b>AMAKIMBIRANE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 34:</u></b> Gukemura amakimbirane mu muryango nyarwanda utari uwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 35:</u></b> Gukemura amakimbirane hagati y'imiryango iri mu mpuzamiryango imwe</p> <p><b><u>Ingingo ya 36:</u></b> Gukemura amakimbirane hagati y'imiryango itari mu mpuzamiryango imwe</p> <p><b><u>Ingingo ya 37 :</u></b> Gukemura amakimbirane hagati y'impuzamiryango iri mu ihuriro rimwe</p> <p><b><u>Ingingo ya 38:</u></b> Gukemura amakimbirane mu ihuriro cyangwa hagati y'amahuriro y'impuzamiryango</p> <p><b><u>Ingingo ya 39</u></b> Gukemura amakimbirane hagati y'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta n'indi miryango cyangwa izindi inzego</p> <p><b><u>UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 40:</u></b> Kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko</p>	<p><b><u>Article 34:</u></b> Conflict resolution in a national non-governmental organisation</p> <p><b><u>Article 35:</u></b> Conflicts resolutions between organisations affiliated to the same umbrella</p> <p><b><u>Article 36:</u></b> Conflict resolution between organisations affiliated to different umbrellas</p> <p><b><u>Article 37:</u></b> Conflicts resolution between umbrellas within the same forum of umbrellas</p> <p><b><u>Article 38:</u></b> Conflict resolution within a forum or between forums of umbrellas</p> <p><b><u>Article 39:</u></b> Conflict resolution between an international non-Governmental organisation and others organisations or organs</p> <p><b><u>CHAPTER VI: FAULTS AND SANCTIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 40:</u></b> Violation of the provisions of this law</p>	<p><b><u>CHAPITRE V : RÉOLUTION DES CONFLITS</u></b></p> <p><b><u>Article 34 :</u></b> Résolution de conflits dans une organisation non gouvernementale nationale</p> <p><b><u>Article 35 :</u></b> Résolution des conflits entre les organisations affiliées à un même collectif</p> <p><b><u>Article 36 :</u></b> Résolution des conflits entre les organisations qui ne sont pas affiliées à un même collectif</p> <p><b><u>Article 37 :</u></b> Résolution des conflits entre collectifs au sein d'un même forum des collectifs</p> <p><b><u>Article 38 :</u></b> Résolution des conflits au sein d'un forum des collectifs ou entre des forums des collectifs</p> <p><b><u>Article 39 :</u></b> Résolution des conflits entre une organisation internationale non gouvernementale et d'autres organisations ou organes</p> <p><b><u>CHAPITRE VI : FAUTES ET SANCTIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 40 :</u></b> Manquement à ses obligations</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 41:</u> Kunanirwa guhagarika by'agateganyo cyangwa gukuraho umwe mu bagize ubuyobozi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 42:</u> Andi makosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</b></p> <p><b>UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b></p> <p><b><u>Ingingo 43:</u> Guhagarika by'agateganyo cyangwa gukuraho umwe mu bagize ubuyobozi n'ikoreshwa ry'umutungo w'umuryango wahagaritswe burundu</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 44:</u> Igihe cyo guhuza n'ibiteganywa n'iri tegeko</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 45:</u> Ingingo y'ururimi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 46:</u> Ivanwaho ivanaho</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 47:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 41:</u> Failure to suspend or dismiss a member of the management</b></p> <p><b><u>Article 42:</u> Other faults and administrative sanctions</b></p> <p><b>CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article 43:</u> Suspension or dismissal of a member of management and use of the property on an organisation closed definitely</b></p> <p><b><u>Article 44:</u> Compliance period</b></p> <p><b><u>Article 45:</u> Language provision</b></p> <p><b><u>Article 46:</u> Repealing provision</b></p> <p><b><u>Article 47:</u> Entry into force</b></p>	<p><b><u>Article 41 :</u> Défaut de suspendre ou de révoquer un membre de la direction</b></p> <p><b><u>Article 42 :</u> Autres fautes et sanctions administratives</b></p> <p><b>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</b></p> <p><b><u>Article 43 :</u> Suspension ou révocation d'un membre de la direction d'une organisation et utilisation des biens d'une organisation définitivement fermée</b></p> <p><b><u>Article 44 :</u> Période de conformité</b></p> <p><b><u>Article 45 :</u> Disposition linguistique</b></p> <p><b><u>Article 46 :</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p><b><u>Article 47 :</u> Entrée en vigueur</b></p>
--	--	--

<p><b>UMUSHINGA W'ITEGEKO N°</b>  <b>..... RYO KU WA .....</b>  <b>RIGENGA IMIRYANGO ITARI IYA</b>  <b>LETA</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b>  Perezida wa Repubulika;</p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO</b>  <b>YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,</b>  <b>DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE</b>  <b>RITYA KANDI DUTEGETSE KO</b>  <b>RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA</b>  <b>YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku  wa.....;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika  y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya  64;</p> <p>Isubiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo ku wa  17/02/2012 rigena imitunganyirize  n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya  Leta;</p>	<p><b>DRAFT LAW N° .....</b>  <b>OF ..... GOVERNING</b>  <b>NON-GOVERNMENTAL</b>  <b>ORGANISATIONS</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b>  President of the Republic;</p> <p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED,</b>  <b>AND WE SANCTION, PROMULGATE</b>  <b>THE FOLLOWING LAW AND ORDER</b>  <b>IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL</b>  <b>GAZETTE OF THE REPUBLIC OF</b>  <b>RWANDA</b></p> <p><b>THE PARLIAMENT:</b></p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of  .....;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of  Rwanda, especially in Article 64;</p> <p>Having reviewed Law n° 04/2012 of  17/02/2012 governing the organisation and  functioning of national non-governmental  organisations;</p>	<p><b>PROJET DE LOI N° .....</b>  <b>DU ..... RÉGISSANT LES</b>  <b>ORGANISATIONS NON</b>  <b>GOVERNEMENTALES</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b>  Président de la République ;</p> <p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS</b>  <b>SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA</b>  <b>LOI DONT LA TENEUR SUIT ET</b>  <b>ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE</b>  <b>AU JOURNAL OFFICIEL DE LA</b>  <b>RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p> <p><b>LE PARLEMENT :</b></p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du  ..... ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du  Rwanda, spécialement en son article 64 ;</p> <p>Revu la Loi n° 04/2012 du 17/02/2012 portant  organisation et fonctionnement des  organisations nationales non-  gouvernementales ;</p>
---	---	--

<p>Isubiye ku Itegeko n° 05/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango mvamahanga itari iya Leta;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije</u></b></p> <p>Iri tegeko rigena ishingwa, imitunganyirize n'imikorere by'imiryango itari iya Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko</u></b></p> <p>Iri tegeko rireba –</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) imiryango nyarwanda itari iya Leta;</li> <li>b) imiryango mpuzamahanga itari iya Leta;</li> <li>c) impuzamiryango;</li> <li>d) n'ihuriro ry'impuzamiryango.</li> </ul>	<p>Having reviewed Law n° 05/2012 of 17/02/2012 governing the organisation and functioning of international non-governmental organisations;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b></p> <p>This Law determines the establishment, organisation and functioning of non-governmental organisations.</p> <p><b><u>Article 2: Scope of application</u></b></p> <p>This Law applies to –</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) national non-governmental organisations;</li> <li>b) international non-governmental organisations;</li> <li>c) umbrella organisation; and</li> <li>d) forum of umbrellas.</li> </ul>	<p>Revu la Loi n° 05/2012 la 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations internationales non-gouvernementales ;</p> <p><b>ADOPTE :</b></p> <p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p> <p><b><u>Article premier : Objet de la présente loi</u></b></p> <p>La présente loi porte création, organisation et fonctionnement des organisations non gouvernementales.</p> <p><b><u>Article 2 : Champ d'application</u></b></p> <p>La présente loi s'applique –</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>a) aux organisations non gouvernementales nationales ;</li> <li>b) aux organisations non gouvernementales internationales ;</li> <li>c) au collectif des organisations ; et</li> <li>d) au forum des collectifs.</li> </ul>
--	---	---

<b><u>Ingingo ya 3: Isobanura</u></b>	<b><u>Article 3: Interpretation</u></b>	<b><u>Article 3 : Interprétation</u></b>
<p>Muri iri tegeko:</p> <p>(a) <b>“icyemezo cy’iyandikwa”</b> bivuga icyemezo gihabwa umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe mu kindi gihugu ushaka gukorera mu Rwanda;</p> <p>(b) <b>“ihuriro ry’impuzamiryango”</b> bivuga impuzamiryango zifite ubuzimagatozi zishyize hamwe;</p> <p>(c) <b>“impuzamiryango”</b> bivuga imiryango itari iya Leta ifite ubuzimagatozi yishyize hamwe;</p> <p>(d) <b>“umuryango”</b> bivuga umuryango nyarwanda utari uwa Leta, umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta, impuzamiryango, cyangwa ihuriro ry’impuzamiryango bifite ubuzimagatozi bishingwa hakurikijwe ibiteganywa n’iri tegeko;</p> <p>(e) <b>“umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta”</b> bivuga umuryango washingiwe mu mahanga cyangwa mu Rwanda hakurikijwe ibiteganywa n’iri tegeko;</p>	<p>In this Law:</p> <p>(a) <b>“certificate of registration”</b> means a document issued to an international non-governmental organisation established in a foreign country wishing to operate in Rwanda;</p> <p>(b) <b>“forum of umbrellas”</b> means a union of umbrellas with legal personality;</p> <p>(c) <b>“umbrella”</b> means a union of non-governmental organisations with legal personality;</p> <p>(d) <b>“organisation”</b> means a national non-governmental organisation, an international non-governmental organisation, an umbrella, a forum of umbrellas established in accordance with the provisions of this law;</p> <p>(e) <b>“international non-governmental organisation”</b> means an organisation established in foreign country or in Rwanda in accordance with the provisions of this law;</p>	<p>Dans la présente loi :</p> <p>(a) <b>« certificat d’enregistrement »</b> signifie un document délivré à une organisation internationale non gouvernementale établie dans un pays étranger souhaitant œuvrer au Rwanda ;</p> <p>(b) <b>« forum des collectifs »</b> signifie l’union des collectifs dotés de la personnalité juridique ;</p> <p>(c) <b>« collectif »</b> signifie l’union des organisations non gouvernementales dotées de la personnalité juridique ;</p> <p>(d) <b>« organisation »</b> signifie une organisation non gouvernementale nationale, une organisation non gouvernementale internationale, un collectif, un forum de collectifs établis conformément aux dispositions de la présente loi ;</p> <p>(e) <b>« organisation non-gouvernementale internationale »</b> signifie une organisation établie à l’étranger ou au Rwanda conformément aux dispositions de la</p>

<p>(f) <b>“umuryango ugamije inyungu rusange”</b> bivuga umuryango ugamije guteza imbere ibikorwa bifitiye akamaro abaturage;</p> <p>(g) <b>“umuryango utari uwa Leta”</b> bivuga umuryango nyarwanda utari uwa Leta cyangwa umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta;</p> <p>(h) <b>“umuryango ugamije inyungu z’abanyamuryango”</b> bivuga umuryango ugizwe n’abantu bagamije guharanira inyungu z’abawugize bitewe n’umwihariko wabo.</p> <p>(i) <b>“umuryango ugamije iterambere ry’abaturage”</b> bivuga umuryango ugizwe n’itsinda ry’abantu bagamije gukora ibikorwa biteza imbere abaturage batuye ahantu hamwe;</p> <p>(j) <b>“umuryango ushingiyeye ku mwuga”</b> bivuga umuryango ugizwe n’abantu basangiye umwuga bagamije kuwuteza imbere;</p>	<p>(f) <b>“organisation aimed at general public interest”</b> means an organisation meant to promote activities benefiting the public;</p> <p>(g) <b>“non-governmental organisation”</b> means a national non-governmental organisation and international non-governmental organisation;</p> <p>(h) <b>“organisation aimed at members’ interest”</b> means an organisation established by persons with the objective of promoting its members’ interest based on their particularities;</p> <p>(i) <b>“organisation aimed at community development”</b> means an organisation composed of a group of individuals in a specific community with the aim of performing activities that benefit that community;</p> <p>(j) <b>“profession-based organisation”</b> means an organisation established by people of the same profession with the purpose of promoting the profession;</p>	<p>présente loi ;</p> <p>(f) <b>« organisation visant l’intérêt public général »</b> signifie organisation destinée à promouvoir des activités bénéficiant au public ;</p> <p>(g) <b>« organisation non gouvernementale »</b> signifie une organisation non gouvernementale nationale ou une organisation non gouvernementale internationale ;</p> <p>(h) <b>« organisation visant l’intérêt des membres »</b> signifie une organisation créée par des personnes dans le but de promouvoir l’intérêt de ses membres en raison de leur particularité ;</p> <p>(i) <b>« organisation visant le développement communautaire »</b> signifie organisation composé d’un groupe d’individus dans une communauté spécifique avec l’objectif de mener des activités visant le développement de cette communauté ;</p> <p>(j) <b>« organisation basée sur la profession »</b> signifie organisation créée par des personnes qui partagent la même profession dans le but de la promouvoir ;</p>
--	--	---

<p>(k) <b>“umuryango wa siporo, imikino n’imyidagaduro yifashisha siporo”</b> bivuga umuryango nyarwanda utari uwa Leta ugamije guteza imbere siporo imwe cyangwa nyinshi, ushobora kuba ishyirahamwe rya siporo n’imikino, ikipe ya siporo, urugaga rwa siporo, fondasiyo ya siporo n’imikino, lige ya siporo, irerero rya siporo, Komite Olempiki y’u Rwanda cyangwa Komite y’imikino y’abantu bafite ubumuga, Komite Olempiki yita ku mikino y’abafite ubumuga bwo mu mutwe;</p> <p>(l) <b>“Urwego”</b> bivuga urwego rw’Igihugu rufite imiyoborere mu nshingano.</p> <p><b>UMUTWE WA II: INGINGO ZIHURIWEHO ZIREBANA N’IMIKORERE Y’UMURYANGO</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Amategeko shingiro</u></b></p> <p>(1) Umuryango ugomba kugira amategeko shingiro.</p>	<p>(k) <b>“sports, games and sport-based entertainment organisation”</b> means a national non-governmental organisation whose purpose is to promote one or many types of sports that may be sports and games association, sports team or club, sports federation, sports and games foundation, sports league, sports academy, Rwanda Olympic Committee or Paralympic Committee, Special Olympic Committee for people with mental disabilities;</p> <p>(l) <b>“the Board”</b> means the national organ in charge of governance.</p> <p><b>CHAPTER II: COMMON PROVISIONS RELATING TO FUNCTIONING OF AN ORGANISATION</b></p> <p><b><u>Article 4: Statutes</u></b></p> <p>(1) An organisation must have statutes.</p>	<p>(k) <b>« organisation de sport, de jeux et de loisirs sportifs »</b> signifie une organisation non gouvernementale nationale visant la promotion d’une ou plusieurs disciplines sportives qui peut être une association de sports et de jeux, une équipe ou un club sportif, une fédération sportive, une fondation sportive et de jeux, une ligue sportive, une académie sportive, le Comité Olympique du Rwanda, ou le Comité paralympique, le Comité olympique spécial pour les personnes mentalement handicapées ;</p> <p>(l) <b>« l’Office »</b> signifie l’organe national ayant la Gouvernance dans ses attributions.</p> <p><b>CHAPITRE II : DISPOSITIONS COMMUNES RELATIVES AU FONCTIONNEMENT D’UNE ORGANISATION</b></p> <p><b><u>Article 4 : Statuts</u></b></p> <p>(1) Une organisation doit avoir des statuts.</p>
---	---	---

<p>(2) Ayo mategeko shingiro ntagomba kunyuranya n'ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Ubwisanzure bw'umuryango</u></b></p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko, umuryango ufite ubwisanzure mu miyoborere mu micungire y'umutungo n'abakozi byawo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Ubuzimagatozi n'icyemezo cy'iyandikwa</u></b></p> <p>(1) Urwego ni rwo rutanga ubuzimagatozi n'icyemezo cy'iyandikwa ku muryango.</p> <p>(2) Urwego rutanga ubuzimagatozi cyangwa icyemezo cy'iyandikwa mu gihe cy'iminsi 60 ibarwa uherye ku munsu umuryango wujurijeho ibisabwa.</p> <p>(3) Icyakora, umuryango ushobora kudahabwa ubuzimagatozi cyangwa icyemezo cy'iyandikwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <p>(a) kutubahiriza ibisabwa biteganywa</p>	<p>(2) The statutes must not contravene the provisions of this law and other laws.</p> <p><b><u>Article 5: Autonomy of an organisation</u></b></p> <p>Without prejudice to provisions of this law and other laws, an organisation enjoys administrative, financial and human resources management autonomy.</p> <p><b><u>Article 6: Legal personality and certificate of registration</u></b></p> <p>(1) The Board is competent to grant the legal personality and issue the certificate of registration to an organisation.</p> <p>(2) The Board grants the legal personality or issues the certificate of registration within 60 days counted from the date on which the organisation fulfilled the requirements.</p> <p>(3) However, an organisation may be denied legal personality or certificate of registration due to one of the following reasons:</p> <p>(a) failure to comply with the</p>	<p>(2) Les statuts ne doivent pas contrevenir aux dispositions de cette loi et d'autres lois.</p> <p><b><u>Article 5 : Autonomie d'une organisation</u></b></p> <p>Sans préjudice des dispositions de la présente loi et d'autres lois, une organisation jouit d'une autonomie administrative et de gestion financière et de ressources humaines.</p> <p><b><u>Article 6 : Personnalité juridique et du certificat d'enregistrement</u></b></p> <p>(1) L'Office est compétent pour accorder la personnalité juridique et délivrer le certificat d'enregistrement à une organisation.</p> <p>(2) L'Office accorde la personnalité juridique ou délivre le certificat d'enregistrement dans un délai de 60 jours à compter de la date à laquelle l'organisation a rempli les conditions requises.</p> <p>(3) Toutefois, une organisation peut se voir refuser la personnalité juridique ou le certificat d'enregistrement pour l'une des raisons suivantes :</p> <p>(a) le non-respect des conditions</p>
--	---	---

<p>n'iri tegeko;</p> <p>(b) kuba hari ibimenyetso bigaragaza ko umuryango usaba uhungabanya cyangwa ugambiriye guhungabanya umutekano, amahoro, ubuzima, ubumwe bw'Abanyarwanda, ituze rusange, imyitwarire myiza cyangwa uburenganzira n'ubwisanzure by'abandi;</p> <p>(c) kuba uwasabye yaratanze amakuru atari ukuri cyangwa ayobya.</p> <p>(4) Iyo Urwego rudatanze ubuzimagatozi cyangwa icyemezo cy'iyandikwa ku muryango wasabye, rubimenyesha uhagarariye umuryango mu nyandiko kandi rukagaragaza impamvu rutabitanze.</p>	<p>requirements provided for in this Law;</p> <p>(b) existence of evidence indicating that the applicant organisation is harming or intends to harm the security, peace, health, unity of Rwandans, public order, good morals or the rights and freedoms of others;</p> <p>(c) provision by the applicant of false or misleading information.</p> <p>(4) When the Board does not grant the legal personality or certificate of registration to an organisation that requested it, the Board notifies the representative of the organisation in writing, indicating the reason for refusal.</p>	<p>requisés prévues par la présente loi ;</p> <p>(b) existence de preuves indiquant que l'organisation requérante porte atteinte ou a l'intention de peut porter atteinte à la sécurité, à la paix, à la santé, à l'unité des Rwandais, à l'ordre public, aux bonnes mœurs ou aux droits et libertés d'autrui ;</p> <p>(c) fourniture par le demandeur d'informations fausses ou trompeuses.</p> <p>(4) Lorsque l'Office n'accorde pas la personnalité juridique ou le certificat d'enregistrement à une organisation qui en a fait la demande, il en avise le représentant de cette organisation par écrit en indiquant le motif du refus.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Uburenganzira bw'umuryango</u></b></p> <p>Umuryango ufite uburenganzira bukurikira:</p> <p>(1) gutanga ibitekerezo no kugaragaza ibyifuzo byawo kuri politiki z'Igihugu</p>	<p><b><u>Article 7: Rights of an organisation</u></b></p> <p>An organisation has the following rights:</p> <p>(a) to give opinions and provide its recommendations regarding national</p>	<p><b><u>Article 7 : Droits d'une organisation</u></b></p> <p>Une organisation a les droits suivants :</p> <p>(a) donner des avis et exprimer ses recommandations concernant les</p>

<p>no ku mategeko birebana n'ibikorwa byawo;</p> <p>(2) kugirana amasezerano cyangwa ubufatanye n'inzego za Leta, inzego z'abikorera n'indi miryango yaba iyo mu Rwanda cyangwa mu mahanga;</p> <p>(3) kugira uburenganzira ku bihangano by'ubuvanganzo, iby'ubugeni n'ibindi bihangano bijyanye n'intego zawo;</p> <p>(4) gusonerwa imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>policies and laws related to its activities;</p> <p>(b) to enter into agreements or partnerships with public institutions, the private sector and other organisations whether in Rwanda or abroad;</p> <p>(c) to have rights on literary works, artistic works and other works related to its objectives;</p> <p>(d) to enjoy tax exemption in accordance with relevant laws.</p>	<p>politiques et les lois nationales en rapport avec ses activités ;</p> <p>(b) conclure des accords ou des partenariats avec des institutions publiques, le secteur privé et d'autres organisations que ce soit au Rwanda ou à l'étranger ;</p> <p>(c) avoir des droits sur les œuvres littéraires, les œuvres artistiques et d'autres œuvres liées à ses objectifs ;</p> <p>(d) bénéficiaire de l'exonération fiscale conformément aux lois en la matière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 8: Inshingano z'umuryango</u></b></p>	<p><b><u>Article 8: Obligations of an organisation</u></b></p>	<p><b><u>Article 8 : Obligations d'une organisation</u></b></p>
<p>(1) Umuryango ufite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) kugira uwuhagarariye imbere y'amategeko mu Rwanda;</p> <p>(b) kugira icyicaro kizwi mu Rwanda;</p> <p>(c) gushyikiriza Urwego raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari by'umwaka urangiye na gahunda y'ibikorwa y'umwaka ukurikira kandi byemejwe aho</p>	<p>(1) An organisation has the following obligations:</p> <p>(a) to have a legal representative in Rwanda;</p> <p>(b) to have a recognized head office in Rwanda;</p> <p>(c) to submit to the Board its activity and financial report for the previous year and the plan of action for the coming year, approved where applicable by the district</p>	<p>(1) Une organisation a les obligations suivantes :</p> <p>(a) avoir un représentant légal au Rwanda ;</p> <p>(b) avoir un siège reconnu au Rwanda ;</p> <p>(c) soumettre à l'Office son rapport d'activité et financier pour l'année précédente et le plan d'action pour l'année suivante approuvés, le cas échéant, par l'administration du</p>

<p>bishoboka, n'ubuyobozi bw'Akarere, Minisiteri ireberera umuryango cyangwa urundi rwego rwa Leta rufite inshingano zifitanye isano n'ibyo ukora, mu gihe kitarenze amezi atatu ya mbere y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira;</p> <p>(d) kumenyeshya Urwego mu nyandiko, ihinduka ryose rirebana n'izina ry'umuryango, amategeko shingiro n'ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi 30 ikurikira iryo hinduka;</p> <p>(e) kunyuzwa amafaranga yawo yose mu bigo by'imari byemewe mu Rwanda no kumenyekanisha konti y'umuryango;</p> <p>(f) kutarenza 20% by'ingengo y'imari igenewe ibikorwa byawo bya buri muni muri gahunda z'ibikorwa bidafitiye inyungu abo ugamije gufasha;</p> <p>(g) kubahiriza imiterere y'ibikorwa na gahunda y'ibikorwa wagaragarije Urwego igihe cyo gusaba ubuzimazigati cyangwa</p>	<p>administration, the line Ministry or any other State organ having responsibilities related to the field of activity of the organisation, within the first three months of the following fiscal year;</p> <p>(d) to notify the Board in writing of any change related to the organisation's name, statutes and leadership within 30 days following the occurrence of the change;</p> <p>(e) transfer all its funds through licensed financial institutions in Rwanda and declare the account of the organisation;</p> <p>(f) not to exceed 20% of its operating budget in activity programs that are not in the interest of its beneficiaries;</p> <p>(g) to comply with the nature of its activities and action plan as provided to the Board at the time of requesting legal personality or</p>	<p>district, le Ministère de tutelle ou tout autre organe de l'État ayant des attributions liées au domaine d'activités de l'organisation le fait, dans les trois premiers mois de l'exercice suivant ;</p> <p>(d) notifier à l'Office par écrit tout changement relatif au nom, aux statuts et à la direction de l'organisation dans les 30 jours suivant la survenance de ce changement ;</p> <p>(e) transférer tous ses fonds via les institutions financières agréées au Rwanda et déclarer le compte de l'organisation ;</p> <p>(f) ne dépasser pas 20% de son budget de fonctionnement dans des programmes d'activités qui ne sont pas dans l'intérêt de ses bénéficiaires ;</p> <p>(g) se conformer à la nature de ses activités et à son plan d'action tels que soumis à l'Office lors de la demande de personnalité juridique</p>
---	---	--

<p>kwandikwa no kumenyeshya urwego rubifitiye ububasha igihe habaye impinduka;</p> <p>e) kudakoresha umutungo wabonetse binyuze mu buryo butemewe n'amategeko;</p> <p>(h) kubika nibura mu gihe kingana n'imyaka icumi inyandiko zerekeranye n'imikoreshereze y'umutungo mu Gihugu no hanze yacyo, hamwe n'imyirondoro y'abagize inzego z'ubuyobozi.</p> <p>(2) Impinduka zivugwa mu gika cya (1)(d) cy'iyingingo zigira agaciro iyo zemejwe n'Urwego.</p> <p>(3) Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya (1)(f) cy'iyi ngingo, umuryango uteganya gukoresha amafaranga arenze 20% by'ingengo y'imari yawo igenewe ibikorwa bya buri muni muri gahunda z'ibikorwa bidafitiye inyungu abo ugamije gufasha, ugomba kubanza kubitangira impamvu mu nyandiko ku Rwego.</p>	<p>registration, and to communicate any changes to the competent authority;</p> <p>(h) not use resources illegally acquired;</p> <p>(i) to keep for at least ten years, the documents regarding the use of property in the country and abroad, and the profiles of the members of the administrative organs.</p> <p>(2) The changes referred to in Paragraph (1)(d) of this Article become valid when they are approved by the Board.</p> <p>(3) Without prejudice to the provision of Paragraph (1)(f) of this Article, an organisation intending to spend more than 20% of its operating budget in activity programmes that are not in the interest of its beneficiaries must provide prior justification in writing to the Board.</p>	<p>ou d'enregistrement, et communiquer tout changement à l'autorité compétente ;</p> <p>(h) ne pas utiliser des fonds dont la source est illicite ;</p> <p>(i) conserver pendant au moins dix ans les documents relatifs à l'utilisation du patrimoine dans le pays et à l'étranger, et les profils des membres des organes administratifs ;</p> <p>(2) Les changements visés au paragraphe (1)(d) du présent article deviennent valables lorsqu'ils sont approuvés par l'Office.</p> <p>(3) Sans préjudice des dispositions du paragraphe (1)(f) du présent article, une organisation qui compte utiliser plus de 20% de son budget de fonctionnement dans des programmes d'activités qui ne sont pas dans l'intérêt de ses bénéficiaires doit fournir une justification préalable par écrit à l'Office.</p>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Gukora ibikorwa by'ubucuruzi</b></p> <p>(1) Umuryango ushobora gukora ibikorwa by'ubucuruzi hakurikijwe amategeko agenga ubucuruzi mu Rwanda.</p> <p>(2) Inyungu zikomotse mu bikorwa by'ubucuruzi zikoreshwa gusa mu bikorwa bijyanye n'intego z'uwo muryango.</p> <p>(3) Mu gihe umuryango ufite ibikorwa by'ubucuruzi, umutungo wawo n'uw'ibikorwa by'ubucuruzi igomba gutandukanywa mu bijyanye n'imicungire n'imikoreshereje.</p>	<p><b><u>Article 9:</u> Carrying out commercial activities</b></p> <p>(1) An organisation may conduct commercial activities in compliance with laws governing commercial activities in Rwanda.</p> <p>(2) The proceeds from commercial activities must be used only in activities that align with the objectives of the organisation.</p> <p>(3) When an organisation owns commercial activities, the property of the organisation and that of the commercial activities must be separated in use and management.</p>	<p><b><u>Article 9 :</u> Exercice d'activités commerciales</b></p> <p>(1) Une organisation peut exercer des activités commerciales conformément aux lois régissant les activités commerciales au Rwanda.</p> <p>(2) Les revenus provenant de ces activités commerciales doivent être seulement utilisés dans les activités qui s'alignent avec les objectifs de l'organisation.</p> <p>(3) Au cas où une organisation possède des activités commerciales, la propriété de l'organisation et ceux des activités commerciales doivent être séparés dans l'utilisation et dans la gestion.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ibisabwa mu guhindura izina</b></p> <p>(1) Umuryango ushaka guhindura izina ushyikiriza Urwego inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) urwandiko rumenyeshya guhindura izina rwandikiwe Umukuru w'Urwego;</p> <p>(b) kopi y'inyandiko mvugo y'inama</p>	<p><b><u>Article 10:</u> Requirements for change of name</b></p> <p>(1) An organisation that intends to change its name submits to the Board the following documents:</p> <p>(a) a letter of notification of the change of name addressed to the Chief Executive Officer of the Board;</p> <p>(b) a copy of notarised minutes of the</p>	<p><b><u>Article 10 :</u> Conditions requises pour le changement de nom</b></p> <p>(1) Une organisation qui a l'intention de changer le nom soumet à l'Office les documents suivants :</p> <p>(a) une lettre de notification du changement de nom adressée au Directeur Général de l'Office ;</p> <p>(b) une copie notariée du procès-</p>

<p>y'urwego rukuru iriho umukono wa noteri yemeza izina rishya;</p> <p>(c) icyemezo cy'ubudakemwa gitangwa n'ubuyobozi bw'imisoro;</p> <p>(d) icyemezo kigaragaza ko imisanzu y'ubwitanyirize yishyuye gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(e) kopi y'ubuzimagatozi cyangwa icyemezo cy'iyandikwa bifite agaciro;</p> <p>(f) inyandiko zihamya ko icyemezo cyo guhindura izina cyatangajwe nibura mu bitangamakuru bibiri bisomwa cyane mu Rwanda mu gihe cy'iminsi 30 mbere y'uko izina rishya rigira agaciro mu Rwanda.</p> <p>(2) Guhindura izina ry'umuryango no kwandikisha izina rishya bikorwa mu gihe kitarenze iminsi 30 ikurikira iminsi 30 igenewe itangazwa mu binyamakuru ry'icyemezo cyo guhindura izina nk'uko bivugwa mu</p>	<p>supreme organ meeting authorizing the change of name;</p> <p>(c) a quitus fiscal issued by the tax administration;</p> <p>(d) proof of payment of social security contributions issued by competent authority;</p> <p>(e) a copy of a valid legal personality certificate or certificate of registration;</p> <p>(f) documents proving that the decision to change the name has been announced in at least two most read media publications in Rwanda for a period of 30 days before the new name becomes valid in Rwanda.</p> <p>(2) The change of the organisation's name and registration of the new name are done within 30 days following the 30 days provided for the announcement of the decision to change the name in the media publications as mentioned in</p>	<p>verbal de la réunion de l'organe suprême ayant autorisé le changement de nom ;</p> <p>(c) le <i>quitus</i> fiscal délivré par l'administration fiscale ;</p> <p>(d) une preuve de paiement des contributions de sécurité sociale délivrées par l'autorité compétente ;</p> <p>(e) une copie du certificat de la personnalité juridique ou du certificat d'enregistrement valide ;</p> <p>(f) des documents prouvant que la décision de changement de nom a été annoncée dans au moins deux publications médiatiques les plus lues au Rwanda pendant une période de 30 jours avant que le nouveau nom ne devienne valable au Rwanda ;</p> <p>(2) Le changement de nom de l'organisation et l'enregistrement du nouveau nom se font dans les 30 jours suivant les 30 jours prévus pour l'annonce de la décision de changement de nom dans les médias tel</p>
--	--	---

<p style="text-align: center;">gika cya (1)(f) cy'iyi ngingo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Imikorere ibujijwe</u></b></p> <p>(1) Umuryango ntiwemerewe –</p> <p>(a) guhindura intego yawo y'ingenzi utabyemerewe n'Urwego;</p> <p>(b) guhindura imiterere y'inzeho z'imirimo zawo utagishije inama Urwego;</p> <p>(c) kugabana ku buryo ubwo ari bwo bwose no mu bihe ibyo ari byo byose umutungo wawo hagati y'abanyamuryango bawo;</p> <p>(d) kugira izina cyangwa ibindi bimenyetso biwuranga bikoreshwa n'undi muryango, umutwe wa politiki cyangwa izindi nzego mu Rwanda cyangwa mu mahanga;</p> <p>(e) gushakisha inkunga cyangwa gukoresha ibiganiro bigamije gushyigikira imitwe ya politiki cyangwa umukandida wiyamamariza umwanya wa politiki, gutanga cyangwa gushyigikira mu bundi buryo</p>	<p style="text-align: center;">Paragraph (1)(f) of this Article.</p> <p><b><u>Article 11: Operational restrictions</u></b></p> <p>(1) An organisation is not allowed to –</p> <p>(a) change its main purpose without the authorisation of the Board;</p> <p>(b) change its organisational structure without consulting the Board;</p> <p>(c) distribute in any way and under any circumstances its property among its members;</p> <p>(d) have a name or other identifying marks used by another organisation, political organisation or other institutions in Rwanda or abroad;</p> <p>(e) engage in fundraising or organise public rallies with an intention to support any political organisation or any independent candidate campaigning for a political office, to propose or support in any other way candidates for public office;</p>	<p style="text-align: center;">que mentionnés au paragraphe (1)(f) du présent article.</p> <p><b><u>Article 11 : Restrictions opérationnelles</u></b></p> <p>(1) L'organisation n'est pas autorisée de –</p> <p>(a) de modifier son objectif principal sans l'autorisation de l'Office ;</p> <p>(b) de modifier sa structure organisationnelle sans consulter l'Office ;</p> <p>(c) de répartir de quelque manière et en aucune circonstance ses biens entre ses membres ;</p> <p>(d) d'avoir un nom ou d'autres marque d'identification utilisées par une autre organisation, une formation politique ou d'autres institutions au Rwanda ou à l'étranger ;</p> <p>(e) de mobiliser des fonds ou d'organiser des campagnes en faveur d'une formation politique ou d'un candidat à un poste politique, de proposer ou de soutenir de quelque autre manière des candidats au poste de dirigeant</p>
---	--	---

<p>bwose abakandida biyamamariza kujya mu buyobozi bw'Igihugu;</p> <p>(f) kwakira inkunga iyo ari yo yose ikomoka ku bantu cyangwa ku miryango birangwaho ibikorwa binyuranyije n'amategeko.</p> <p>(g) gushyigikira cyangwa gutera inkunga ibikorwa by'iterabwoba;</p> <p>(h) no gukora ibikorwa bibangamira ubumwe bw'Abanyarwanda, amahoro n'umutekano, ituze rusange n'ubuzima rusange bya rubanda, umuco mbonezabupfura, imyitwarire myiza, ubwisanzure n'uburenganzira shingiro by'abandi cyangwa ibikorwa bya politiki.</p> <p>(2) Abayobozi n'abanyamuryango b'umuryango ufite ibikorwa by'ubucuruzi ntibemerewe kugira imigabane muri ibyo bikorwa by'ubucuruzi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Ubufatanye mu iterambere</u></b></p> <p>Umuryango ushobora gufatanya na Leta y'u Rwanda mu bikorwa bigamije iterambere ry'Igihugu.</p>	<p>(f) receive any kind of funding coming from people or organisations involved illegal activities;</p> <p>(g) support or finance terrorist activities; and</p> <p>(h) commit acts that jeopardise the unity of Rwandans, peace and security, public order and health, good morals, good conduct, freedom and fundamental rights of others or political activities.</p> <p>(3) Leaders and members of an organisation that owns commercial activities are not allowed to own shares in those commercial activities.</p> <p><b><u>Article 12: Partnership in development</u></b></p> <p>An organisation may cooperate with the Government of Rwanda in activities aimed at national development.</p>	<p>du pays ;</p> <p>(f) recevoir tout type de financement provenant de personnes ou d'organisations impliquées dans des activités illégales ;</p> <p>(g) soutenir ou financer les activités terroristes ; et</p> <p>(h) commettre des actes qui compromettent l'unité des Rwandais, la paix et la sécurité, l'ordre public et la santé publique, les bonnes mœurs, la bonne conduite, la liberté et les droits fondamentaux d'autrui ou les activités politiques.</p> <p>(3) Les dirigeants et les membres d'une organisation ayant des activités commerciales ne sont pas autorisés à détenir des actions dans ces activités commerciales.</p> <p><b><u>Article 12 : Partenariat au développement</u></b></p> <p>Une organisation peut coopérer avec le Gouvernement du Rwanda dans des activités de développement national.</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 13: Igenzura ry'ibikorwa n'iry'imikoreshereze y'imari</u></b></p> <p>(1) Urwego rushobora gutegeka umuryango gukoresha igenzura ry'ibikorwa byawo n'iry'imikoreshereze y'imari mu gihe kitarenze iminsi 90 uherye ku muni uboneyeho urwandiko rubisaba.</p> <p>(2) Ikiguzi cya serivisi y'ubugenzuzi bw'ibikorwa byawo n'iry'imikoreshereze y'imari cyishyurwa n'umuryango wakorewe ubugenzuzi mu gihe iryo genzura ryakozwe n'ubugenzuzi buvuye hanze y'umuryango.</p>	<p><b><u>Article 13: Audit of operations and financial management</u></b></p> <p>(1) The Board may request an organization to conduct an audit of its operations and financial management within 90 days from the date it receives the letter requesting the audit.</p> <p>(2) The cost of the audit of its operations and financial management is paid by the audited organisation in case the audit is carried out by external auditors.</p>	<p><b><u>Article 13 : Audit des opérations et de gestion financière</u></b></p> <p>(1) L'office peut demander à l'organisation de mener un audit de ses opérations et de la gestion financière dans un délai de 90 jours à compter de la date de réception de la lettre de demande de l'audit.</p> <p>(2) Le coût du service d'audit de ses opérations et de la gestion financière est payé par l'organisation auditée dans le cas où l'audit est effectué par des auditeurs externes.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14: Kugurisha umutungo</u></b></p> <p>(1) Umuryango ugikora imirimo yawo mu Rwanda ushobora kugurisha umutungo wawo hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga cyamunara.</p> <p>(2) icyakora, umuryango mpuzamahanga utari uwa leta ugikora imirimo yawo mu Rwanda wifuzaga kugurisha umutungo wawo, ukurikiza ibyumvikanyweho hagati y'uwo</p>	<p><b><u>Article 14: Sale of assets</u></b></p> <p>(1) An organisation still operating in Rwanda may sell its assets in accordance with the provisions of the law governing auction.</p> <p>(2) However, an international non-governmental organisation still operating in Rwanda that wishes to sell its assets, complies with the terms agreed upon with the relevant Ministry</p>	<p><b><u>Article 14 : Vente d'actifs</u></b></p> <p>(1) Une organisation toujours en activité au Rwanda peut vendre ses actifs conformément aux dispositions de la loi régissant la vente aux enchères.</p> <p>(2) Toutefois, une organisation non gouvernementale internationale toujours en activité au Rwanda qui souhaite vendre ses actifs se conforme aux conditions convenues avec le</p>

<p>muryango na Minisiteri cyangwa urwego rwa Leta bireba.</p> <p>(3) Igurisha ry'umutungo w'umuryango rigenzurwa na Minisiteri cyangwa urwego rwa Leta bireba, keretse iyo hari amasezerano yabaye abiteganya ukundi kandi yarabanje kumenyeshwa Minisiteri cyangwa urwego rwa Leta bireba.</p> <p>(4) Amafaranga avuye mu igurishwa ry'umutungo w'umuryango akomeza gukoreshwa mu bikorwa by'uwo muryango.</p>	<p>or State organ.</p> <p>(3) The sale of assets of an organisation is supervised by the relevant Ministry or State organ, unless there is a prior agreement that provides otherwise and the relevant Ministry or State organ has been notified.</p> <p>(4) The proceeds from the sale of assets of an rganisation continue to be utilized for the organisation's activities.</p>	<p>Ministère ou l'organe de l'État concerné.</p> <p>(3) La vente d'actifs d'une organisation est supervisée par le Ministère ou l'organe de l'État concerné, sauf accord préalable prévoyant le contraire et notifié au Ministère ou à l'organe de l'État concerné.</p> <p>(4) Le produit de la vente d'actifs d'une organisation continue d'être utilisé dans les activités de l'organisation.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: INGINGO ZIHARIYE KU MIRYANGO NYARWANDA ITARI IYA LETA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 15: Ishingwa ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta</u></b></p> <p>Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ushobora gushingwa n'Abanyarwanda, abanyamahanga cyangwa Abanyarwanda bafatanyije n'abanyamahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16: Ibyiciro by'imiryango nyarwanda itari iya Leta</u></b></p> <p>Ibyiciro by'imiryango nyarwanda itari iya</p>	<p><b><u>CHAPTER III: PROVISIONS SPECIFIC TO NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 15: Establishment of national non-governmental organisation</u></b></p> <p>A national non-governmental organisation may be established by Rwandans, foreigners, or Rwandans in partnership with foreigners.</p> <p><b><u>Article 16: Categories of national non-governmental organisations</u></b></p> <p>Categories of national non-governmental</p>	<p><b><u>CHAPITRE III : DISPOSITIONS PROPRES AUX ORGANISATIONS NON GOUVERNEMENTALES NATIONALES</u></b></p> <p><b><u>Article 15 : Création d'une organisation non gouvernementales nationale</u></b></p> <p>Une organisation non gouvernementales nationale peut être constituée par des Rwandais, des étrangers ou des Rwandais en partenariat avec des étrangers.</p> <p><b><u>Article 16 : Catégories d'organisations non gouvernementales nationales</u></b></p> <p>Les catégories d'organisations non</p>

<p>Leta ni ibi bikurikira:</p> <p>(a) imiryango igamije iterambere ry'abaturage ari wo muryango ugizwe n'itsinda ry'abantu bagamije gukora ibikorwa biteza imbere abaturage batuye ahantu hamwe;</p> <p>(b) imiryango igamije inyungu rusange ari wo muryango ugamije guteza imbere ibikorwa bifitiye akamaro abaturage;</p> <p>(c) imiryango igamije inyungu z'abanyamuryango ari wo umuryango ugizwe n'abantu bagamije guharanira inyungu z'abawugize bitewe n'umwihariko wabo</p> <p>(d) imiryango ushingiyeye ku mwuga ari wo muryango ugizwe n'abantu basangiye umwuga bagamije kuwuteza imbere;</p> <p>(e) imiryango ya siporo, imikino n'imyidagaduro yifashisha siporo ari wo muryango nyarwanda utari uwa Leta ugamije guteza imbere siporo</p>	<p>organisations are the following:</p> <p>(a) organisations aimed at community development which is an organisation composed of a group of individuals in a specific community with the aim of performing activities that benefit that community;</p> <p>(b) organisations aimed at general public interest which is an organisation meant to promote activities benefiting the public;</p> <p>(c) organisations aimed at members' interest which is an organisation established by persons with the objective of promoting members' interest based on their particularities;</p> <p>(d) profession-based organisations which is an organisation established by people of the same profession with the purpose of promoting it;</p> <p>(e) sports, games and sport-based entertainment organisations which is a national non-governmental organisation whose purpose is to</p>	<p>gouvernementales nationales sont les suivantes :</p> <p>(a) les organisations visant le développement communautaire qui est une organisation composé d'un groupe d'individus dans une communauté spécifique avec l'objectif de mener des activités visant le développement de cette communauté ;</p> <p>(b) les organisations visant l'intérêt public général qui est une organisation destinée à promouvoir des activités bénéficiant au public ;</p> <p>(c) les organisations visant l'intérêt des membres qui est une organisation créée par des personnes dans le but de promouvoir l'intérêt de ses membres selon leur particularité ;</p> <p>(d) les organisations basées sur la profession qui est une organisation créée par des personnes qui partagent la même profession dans le but de la développer ;</p> <p>(e) les organisations de sports, de jeux et de loisirs sportifs qui est une organisation non-gouvernementale nationale visant la promotion d'une ou</p>
--	---	--

<p>imwe cyangwa nyinshi hakubiyemo ishyirahamwe rya siporo, urugaga rwa siporo, komite olempiki y'u Rwanda cyangwa Komite y'ababana n'ubumuga y'u Rwanda;</p> <p>(f) impuzamiryango;</p> <p>(g) ihuriro ry'impuzamiryango.</p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Ubuzimagatozi bw'umuryango nyarwanda utari uwa Leta</u></b></p> <p>Umuryango nyarwanda utari uwa Leta wifuza gukorera mu Rwanda ugomba kugira ubuzimagatozi butangwa n'Urwego.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18: Ibisabwa igihe cyo gusaba ubuzimagatozi</u></b></p> <p>(1) Usaba ubuzimagatozi bw'umuryango nyarwanda utari uwa Leta ashidikiriza mu nyandiko Urwego ibi bikurikira:</p> <p>(a) ubusabe butanzwe mu buryo bw'ikorabuhanga;</p> <p>(b) amategeko shingiro ari mu rurimi rw'Ikinyarwanda no mu rundi</p>	<p>promote one or many types of sports that may include; sports club, sports federation, Olympic committee of Rwanda or Rwanda Paralympic Committee;</p> <p>(f) umbrella;</p> <p>(g) forum of umbrellas</p> <p><b><u>Article 17: Legal personality of a national non-governmental organisation</u></b></p> <p>A national non-governmental organisation wishing to operate in Rwanda must have legal personality granted by the Board.</p> <p><b><u>Article 18: Requirements for applying for legal personality</u></b></p> <p>(1) An applicant for a legal personality of a national non-governmental organisation submits in writing the following to the Board:</p> <p>(a) an application filed electronically;</p> <p>(b) notarized statutes in Ikinyarwanda language and in at least one other</p>	<p>plusieurs disciplines sportives qui inclut, club de sport, fédération de sport, Comité Olympique du Rwanda, ou paralympique de sport;</p> <p>(f) le collectif ;</p> <p>(g) le forum des collectifs.</p> <p><b><u>Article 17 : Personnalité juridique d'une organisation non gouvernementale nationale</u></b></p> <p>Une organisation non gouvernementale nationale souhaitant exercer ses activités au Rwanda doit avoir la personnalité juridique accordée par le l'Office.</p> <p><b><u>Article 18 : Conditions requises de demande de la personnalité juridique</u></b></p> <p>(1) Un demandeur de personnalité juridique d'une organisation non-gouvernementale nationale soumet par écrit ce qui suit à l'Office :</p> <p>(a) une demande déposée par voie électronique ;</p> <p>(b) des statuts notariés en Ikinyarwanda et dans au moins une</p>
--	--	---

<p>rurimi nibura rumwe rwemewe mu Rwanda ariho umukono wa noteri ;</p> <p>(c) inyandikomvugo y’inama y’urwego rukuru rw’umuryango nyarwanda utari uwa Leta igaragaza ishingwa ryawo, iyemezwa ry’amategeko shingiro yawo, abawushinze ndetse n’abagize inzego zawo iriho umukono wa noteri;</p> <p>(d) aho bishoboka, ibaruwa yatanzwe n’ubuyobozi bw’Akarere yemerera umuryango nyarwanda utari uwa Leta imikoraniye;</p> <p>(e) imyirondoro na kopi z’indangamuntu z’uhagarariye umuryango nyarwanda utari uwa Leta imbere y’amategeko, iby’umwungirije n’iby’abagize inama y’ubuyobozi bose;</p> <p>(f) icyemezo cy’indangabihano cy’uhagarariye umuryango nyarwanda utari uwa Leta imbere y’amategeko n’icy’umwungirije by’uko batigeze bakatirwa buri wese ku bimureba, mu rubanza rwabaye ndakuka, igihano</p>	<p>official language in Rwanda;</p> <p>(c) notarised minutes of the meeting of the supreme organ of the national non-governmental organisation indicating its establishment, approval of its statutes, its founders and members of its organs;</p> <p>(d) where applicable, a letter issued by District authorities accepting collaboration with the national non-governmental organisation;</p> <p>(e) profiles and copies of identity cards of the legal representative of the national non-governmental organisation, the deputy legal representative and all board of directors members;</p> <p>(f) a criminal record certificate of the legal representative of the national non-governmental organisation and of the deputy legal representative proving that they have not been sentenced individually, in a judgement</p>	<p>autre langue officielle au Rwanda ;</p> <p>(c) le procès-verbal notarié de la réunion de l’organe suprême de l’organisation non gouvernementale nationale indiquant sa création, l’adoption de ses statuts, ses fondateurs et les membres de ses organes ;</p> <p>(d) le cas échéant, une lettre délivrée par l’autorité du District acceptant la collaboration avec l’organisation non gouvernementale nationale ;</p> <p>(e) les profils et les copies des cartes d’identité du représentant légal de l’organisation non gouvernementale nationale, du représentant légal suppléant et de tous les membres du conseil d’administration ;</p> <p>(f) un extrait du casier judiciaire du représentant légal et du représentant légal suppléant de l’organisation non gouvernementale nationale attestant qu’ils n’ont pas été condamnés individuellement, dans</p>
--	---	---

<p>cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu kitahanaguwe n'imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;</p> <p>(g) inyandiko yashyizweho umukono n'uhagarariye umuryango nyarwanda utari uwa Leta imbere y'amategeko n'umwungirije iriho umukono wa noteri igaragaza ko bemeye inshingano bahawe;</p> <p>(h) gahunda y'ibikorwa by'umwaka by'uwo muryango nyarwanda utari uwa Leta, ingengo y'imari ijyanye na byo n'aho amafaranga azaturuka;</p> <p>(i) inyemezabwishyu igaragaza ko umuryango nyarwanda utari uwa Leta wishyuye amafaranga ya serivisi adasubizwa y'ubusabe bw'ubuzimagatozi agenwa n'Urwego.</p> <p>(2) icyakora, usabira ubuzimagatozi umuryango nyarwanda utari uwa Leta</p>	<p>rendered in last instance, to a term of imprisonment equal to or exceeding six months that have not been removed by amnesty or rehabilitation;</p> <p>(g) a notarized declaration signed by the legal representative and the deputy legal representative of the national non-governmental organisation indicating that they accept the responsibilities entrusted to them;</p> <p>(h) the annual action plan of the national non-governmental organisation, the related budget and source of funds;</p> <p>(i) proof of payment by the national non-governmental organisation of non-refundable service fee determined by the Board.</p> <p>(2) However, an applicant for legal personality of a national non-</p>	<p>un jugement rendu en dernier ressort, à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois qui n'est pas rayée par une amnistie ou une réhabilitation ;</p> <p>(g) une déclaration notariée signée par le représentant légal et représentant légal suppléant de l'organisation non gouvernementale nationale indiquant qu'ils acceptent les attributions qui leur sont confiées ;</p> <p>(h) le plan d'action annuel de cette organisation non gouvernementale nationale, le budget y relatif et la source des fonds ;</p> <p>(i) une preuve de paiement par l'organisation non gouvernementale nationale des frais non remboursables des frais non remboursables pour les services de demande de personnalité juridique, tels que déterminés par l'Office.</p> <p>(2) Toutefois, un demandeur de la personnalité juridique d'une</p>
--	---	---

<p>wa siporo, imikino n’imyidagaduro yifashisha siporo agomba kandi gushyikiriza Urwego inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) ibaruwa ya Minisiteri ifite siporo mu nshingano yemera imikoranire yayo n’uwo umuryango nyarwanda utari uwa Leta;</p> <p>(b) ibaruwa isabira y’impuzamiryango y’imiryango ya siporo;</p> <p>(c) ibaruwa isabira y’ihuriro ry’impuzamiryango y’imiryango ya siporo, iyo ari impuzamiryango y’imiryango ya siporo.</p> <p>(3) Amabwiriza y’Urwego ashobora kugena ibindi bisabwa mu gusaba ubuzimagatozi bw’umuryango nyarwanda utari uwa Leta.</p>	<p>governmental organisation of sports, games and sport-based entertainment must also submit in writing the following documents to the Board:</p> <p>(a) a letter issued by the Ministry in charge of sports acknowledging its collaboration with the national non-governmental organisation;</p> <p>(b) a recommendation letter issued by an umbrella of sports;</p> <p>(c) a recommendation letter from a forum of umbrellas of sports organisations in case of an umbrella of sports organisations.</p> <p>(3) Regulations of the Board may determine additional requirements for application for legal personality of a national non-governmental organisation.</p>	<p>organisation non gouvernementale nationale de sports, de jeux et de loisirs sportifs doit également soumettre par écrit les pièces suivantes à l’Office :</p> <p>(a) une lettre émise par le ministère ayant les sports dans ses attributions reconnaissant sa collaboration avec l’organisation non gouvernementale nationale ;</p> <p>(b) une lettre de recommandation émise par un collectif des organisations de sport ;</p> <p>(c) une lettre de recommandation émise par un forum des collectifs des organisations de sport en cas d’un collectif des organisations de sport.</p> <p>(3) Les règlements de l’Office peuvent déterminer des conditions supplémentaires pour la demande de la personnalité juridique d’une organisation non gouvernementale nationale.</p>
--	---	---

<b><u>Ingingo ya 19: Ibikubiye mu mategeko shingiro y'umuryango nyarwanda utari uwa Leta</u></b>	<b><u>Article 19: Content of statutes of a national non-governmental organisation</u></b>	<b><u>Article 19 : Contenu des statuts d'une organisation non gouvernementales nationales</u></b>
<p>(1) Amategeko shingiro agenga umuryango nyarwanda utari uwa Leta akubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>(a) izina ry'umuryango nyarwanda utari uwa Leta;</p> <p>(b) intego n'ibikorwa, ifasi n'abagenerwabikorwa;</p> <p>(c) aho umuryango uzaba ifite icyicaro;</p> <p>(d) ibyiciro by'abanyamuryango, uko umuntu aba umunyamuryango n'uko atakaza ubunyamuryango;</p> <p>(e) urwego rukuru rwawo;</p> <p>(f) urwego rushinzwe ubuyobozi rugizwe nibura n'abantu batatu;</p> <p>(g) urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rugizwe nibura n'abantu batatu;</p> <p>(h) urwego rushinzwe ubugenzuzi rugizwe nibura n'abantu batatu;</p>	<p>(1) The statutes governing national non-governmental organisation include the following:</p> <p>(a) the name of the national non-governmental organisation;</p> <p>(b) objectives and activities, area of operation and beneficiaries;</p> <p>(c) the location of its headquarter;</p> <p>(d) categories of members, criteria for admission or loss of membership;</p> <p>(e) its supreme organ;</p> <p>(f) its executive organ composed of at least three persons;</p> <p>(g) its conflict resolution organ composed of at least three persons;</p> <p>(h) its audit committee composed of at least three people;</p>	<p>(1) Les statuts régissant l'organisation non gouvernementale nationale comprennent ce qui suit :</p> <p>(a) le nom de l'organisation non gouvernementale nationale;</p> <p>(b) les objectifs et les activités, le champ d'activités et les bénéficiaires ;</p> <p>(c) l'emplacement de son siège social ;</p> <p>(d) les catégories des membres, les critères d'adhésion ou de perte d'adhésion ;</p> <p>(e) son organe suprême ;</p> <p>(f) son organe exécutif composé d'au moins trois personnes ;</p> <p>(g) son organe chargé de la résolution des conflits composé d'au moins trois personnes ;</p> <p>(h) son comité d'audit composé d'au moins trois personnes ;</p>

<p>(i) manda y'abagize inzego z'umuryango nyarwanda utari uwa Leta, ububasha n'inshingano bya buri rwego;</p> <p>(j) ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umuvugizi cyangwa umuvugizi wungirije w'umuryango n'uko babitakaza;</p> <p>(k) uburyo bwo kugenzura imikoreshereze y'umutungo;</p> <p>(l) inkomoko y'umutungo n'aho ujya iyo habaye iseswa ry'umuryango.</p> <p>(2) Urwego rushobora kugena ingingo z'inyongera zashyirwa mu mategeko shingiro y'umuryango nyarwanda utari uwa Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Gushinga impuzamiryango n'ihuriro ry'impuzamiryango</u></b></p> <p>(1) Imiryango nyarwanda itari iya Leta ikora ibikorwa bisa ishobora kwishyira hamwe igashinga impuzamiryango.</p>	<p>(i) the term of office of the members of the national non-governmental organisation's organs, powers and responsibilities of each organ;</p> <p>(j) criteria for eligibility to, and losing the position of legal representative or deputy legal representative;</p> <p>(k) modalities of auditing the utilisation of property;</p> <p>(l) the source of assets and their allocation in the event of dissolution.</p> <p>(2) The Board may determine additional items to include in statutes of a national non-governmental organisation.</p> <p><b><u>Article 20: Establishment of an umbrella and forum of umbrellas</u></b></p> <p>(1) National non-governmental organisations carrying out related activities may form an umbrella organisation.</p>	<p>(i) le mandat des membres des organes de l'organisation non gouvernementale nationale, les pouvoirs et les attributions de chaque organe ;</p> <p>(j) les critères d'acquisition et de perte de la fonction du représentant légal et du représentant légal suppléant ;</p> <p>(k) les modalités d'audit d'utilisation du patrimoine ;</p> <p>(l) la source du patrimoine et leur affectation en cas de dissolution.</p> <p>(2) L'Office peut déterminer des éléments supplémentaires à inclure dans les statuts d'une organisation non gouvernementale nationale.</p> <p><b><u>Article 20 : Création d'un collectif ou d'un forum des collectifs</u></b></p> <p>(1) Les organisations non gouvernementales nationales exerçant des activités connexes peuvent former un collectif.</p>
---	---	---

<p>(2) icyakora kugira ngo impuzamiryango yemerwe igomba kuba igizwe nibura n'imiryango icumi.</p> <p>(3) Impuzamiryango zikora ibikorwa bisa zishobora kwishyira hamwe zigashinga ihuriro ry'impuzamiryango.</p> <p>(4) Impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango bigomba kugira ubuzimagatozi bwite.</p> <p>(5) Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ntiwemerewe kuba umunyamuryango w'impuzamiryango irenze imwe.</p>	<p>(2) However, for an umbrella to be accepted, it must be composed of at least ten organisations.</p> <p>(3) Umbrella organisations carrying out related activities may form a forum of umbrella organisations.</p> <p>(4) An umbrella or a forum of umbrellas must have own legal personality.</p> <p>(5) A national non-governmental organisation is not allowed to be a member of more than one umbrella.</p>	<p>(2) Toutefois, pour qu'un collectif soit acceptée, il doit être composé par au moins dix organisations.</p> <p>(3) Les collectifs exerçant des activités connexes peuvent former un forum des collectifs.</p> <p>(4) Un collectif ou un forum des collectifs doit avoir sa propre personnalité juridique.</p> <p>(5) Une organisation non gouvernementale nationale n'est pas autorisée à être membre de plus d'un collectif.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Ibisabwa igihe cyo gusaba ubuzimagatozi bw'impuzamiryango cyangwa ubw'ihuriro ry'impuzamiryango</b></p> <p>(1) Impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango bisaba ubuzimagatozi bishyikiriza Urwego ibi bikurikira:</p> <p>(a) kopi y'icyemezo cy'ubuzimagatozi cya buri muryango nyarwanda utari uwa Leta uyigize iyo ari impuzamiryango cyangwa, iyo</p>	<p><b><u>Article 21:</u> Application requirement for legal personality of an umbrella or forum of umbrellas</b></p> <p>(1) An umbrella or forum of umbrellas applying for legal personality submit to the Board the following:</p> <p>(a) a copy of legal personality of each national non-governmental organisation constituting an umbrella in case of a request from the umbrella or, where the request comes from a</p>	<p><b><u>Article 21 :</u> Conditions de demande de la personnalité juridique pour un collectif ou un forum des collectifs</b></p> <p>(1) Un collectif ou un forum des collectifs demandant la personnalité juridique soumet à l'Office ce qui suit :</p> <p>(a) une copie de la personnalité juridique de chaque organisation non gouvernementale nationale constituant le collectif, en cas de demande émanant d'un collectif</p>

<p>ubusabe ari ubw'ihuriro ry'impuzamiryango, kopi y'icyemezo cy'ubuzimagatozi cya buri mpuzamiryango urigize;</p> <p>(b) amategeko shingiro ari mu rurimi rw'Ikinyarwanda no mu rundi rurimi nibura rumwe rwemewe mu butegetsi mu Rwanda kandi ariho umukono wa noteri;</p> <p>(c) imyirondoro na kopi y'indangamuntu by'uhagarariye impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango imbere y'amategeko n'umwungirije;</p> <p>(d) icyemezo cy'indangabihano cy'uhagarariye impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango imbere y'amategeko n'icy'umwungirije by'uko batigeze bakatirwa buri wese ku bimureba, mu rubanza rwabaye ndakuka, igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu kitahanaguwe n'imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;</p>	<p>forum of umbrellas, a copy of legal personality of each umbrella that constitutes the forum of umbrellas;</p> <p>(b) notarised statutes in Ikinyarwanda and in at least one other official language in Rwanda;</p> <p>(c) profiles and copies of identity cards of the legal representative and deputy legal representative of the umbrella or forum of umbrellas;</p> <p>(d) a criminal record certificate of the legal representative and the deputy legal representative of the umbrella or forum of umbrellas certifying that they have not been sentenced individually, in a judgement rendered in last instance, to a term of imprisonment equal to or exceeding six months that have not been removed by amnesty or rehabilitation;</p>	<p>ou, lorsque la demande émane d'un forum des collectifs, une copie de la personnalité juridique de chaque collectif qui constitue le forum des collectifs ;</p> <p>(b) les statuts notariés rédigés en Ikinyarwanda et dans au moins une autre langue officielle au Rwanda ;</p> <p>(c) les profils et les copies des cartes d'identité du représentant légal et du représentant légal suppléant du collectif ou du forum des collectifs ;</p> <p>(d) un extrait du casier judiciaire du représentant légal et du représentant légal suppléant du collectif ou du forum des collectifs attestant qu'ils n'ont pas été condamnés individuellement, dans un jugement rendu en dernier ressort, à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois qui n'est pas rayée par une amnistie ou une réhabilitation ;</p>
--	---	---

<p>(e) inyandiko iriho umukono wa noteri yasinyweho n'abahagarariye mpuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango imbere y'amategeko iriho umukono wa noteri igaragaza ko bemeye inshingano bahawe;</p> <p>(f) gahunda y'ibikorwa by'umwaka, ingengo y'imari ijyanye na byo n'aho izaturuka;</p> <p>(g) inyandikomvugo y'inama y'urwego rukuru yemeje amategeko shingiro ayigenga iriho umukono wa noteri kandi igaragaramo abagize inzego z'impuzamiryango cyangwa inzego z'ihuriro ry'impuzamiryango;</p> <p>(h) aho impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango bizakorera;</p> <p>(i) inyemezabwishyu igaragaza ko impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango ryishyuye amafaranga adasubizwa y'ubusabe bw'ubuzimagatozi agenwa n'Urwego.</p>	<p>(e) notarised declaration of legal representatives of the umbrella or forum of umbrellas proving that they accept responsibilities assigned to them;</p> <p>(f) the annual action plan, the related budget and the source of funds;</p> <p>(g) notarised copy of minutes of the general assembly of the supreme organ that approved the statutes with names of members of the organs of the umbrella or forum of umbrellas;</p> <p>(h) the address of the umbrella or forum of umbrellas;</p> <p>(i) proof of payment by the umbrella or forum of umbrellas of non-refundable legal personality application fee as determined by the Board.</p>	<p>(e) une déclaration notariée des représentants légaux du collectif ou du forum des collectifs prouvant qu'ils acceptent les attributions qui leur sont confiées ;</p> <p>(f) le plan d'action annuel, le budget y relatif et la source des fonds ;</p> <p>(g) une copie notariée du procès-verbal de l'organe suprême qui a approuvé les statuts avec les noms des membres des organes du collectif ou du forum des collectifs ;</p> <p>(h) l'adresse du collectif ou du forum des collectifs ;</p> <p>(a) une preuve de paiement par le collectif ou le forum des collectifs des frais de demande de personnalité juridique non remboursables, tels que déterminés par l'Office.</p>
--	--	--

<p>(2) Amabwiriza y'Urwego ashobora kugena ibindi bisabwa mu gusaba ubuzimagatozi ku mpuzamiryango cyangwa ku ihuriro ry'impuzamiryango.</p> <p><b><u>Ingingo va 22: Ibikubiye mu mategeko shingiro y'impuzamiryango n'ay'ihuriro ry'impuzamiryango</u></b></p> <p>(1) Amategeko shingiro y'impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango agaragaramo ibi bikurikira:</p> <p>(a) izina ry'impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango;</p> <p>(b) intego, ibikorwa, aho impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango bikorera, ifasi n'abagenerwabikorwa;</p> <p>(c) uko umuntu aba umunyamuryango n'uko atakaza ubunyamuryango;</p> <p>(d) urwego rukuru ry'impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango;</p> <p>(e) urwego rw'ubuyobozi rugizwe nibura n'abantu batatu ;</p>	<p>(2) Regulations of the Board may determine additional requirements for the application for legal personality of an umbrella or forum of umbrellas.</p> <p><b><u>Article 22: Content of statutes of an umbrella and forum of umbrellas</u></b></p> <p>(1) The statutes of an umbrella or forum of umbrellas include the following:</p> <p>(a) the name of the umbrella or forum of umbrellas;</p> <p>(b) the mission, activities, address, area of operation and beneficiaries;</p> <p>(c) criteria for admission and loss of membership;</p> <p>(d) the supreme organ of the umbrella or forum of umbrellas;</p> <p>(e) the executive organ composed of at least three people;</p>	<p>(2) Les règlements de l'Office peuvent déterminer des conditions supplémentaires pour la demande de la personnalité juridique d'un collectif ou d'un forum des collectifs.</p> <p><b><u>Article 22 : Contenu des statuts d'un collectif et d'un forum des collectifs</u></b></p> <p>(1) Les statuts d'un collectif ou d'un forum des collectifs comprennent les éléments suivants :</p> <p>(a) le nom du collectif ou du forum des collectifs ;</p> <p>(b) la mission, les activités, l'adresse, la zone d'intervention et les bénéficiaires ;</p> <p>(c) les critères d'adhésion et de perte d'adhésion ;</p> <p>(d) l'organe suprême du collectif ou du forum des collectifs ;</p> <p>(e) l'organe exécutif composé d'au moins trois personnes ;</p>
--	---	---

<p>(f) urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rugizwe nibura n'abantu batatu;</p> <p>(g) urwego rw'ubugenzuzi rugizwe nibura n'abantu batatu;</p> <p>(h) manda y'abagize inzego, ububasha n'inshingano bya buri rwego;</p> <p>(i) uburyo bwo kugenzura imikoreshereze y'umutungo;</p> <p>(j) ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe uhagarariye cyangwa uwungirije uhagarariye impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango imbere y'amategeko n'uko babitakaza;</p> <p>(k) inkomoko y'umutungo n'aho ujya iyo habaye iseswa ry'impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango.</p> <p>(2) Amabwiriza y'Urwego ashobora kugena ibindi bigomba kugaragara mu mategeko shingiro y'impuzamiryango cyangwa ihuriro ry'impuzamiryango.</p>	<p>(f) the conflict resolution organ composed of at least three people;</p> <p>(g) the audit organ composed of at least three people;</p> <p>(h) the term of office of members of organs, powers and responsibilities of each organ;</p> <p>(i) modalities for auditing the utilisation of assets;</p> <p>(j) criteria for eligibility to, and loss of the position of the legal representative or deputy legal representative of the umbrella or forum of umbrellas;</p> <p>(k) the source of assets and their allocation in the event of dissolution of the umbrella or forum of umbrellas.</p> <p>(2) Regulations of the Board may determine additional items to be included in the statutes of an umbrella and forum of umbrellas.</p>	<p>(f) l'organe chargé de la résolution des conflits composé d'au moins trois personnes ;</p> <p>(g) l'organe d'audit composé d'au moins trois personnes ;</p> <p>(h) la durée du mandat des membres des organes, les pouvoirs et les attributions de chaque organe ;</p> <p>(i) les modalités d'audit d'utilisation du patrimoine ;</p> <p>(j) les critères d'acquisition et de perte de la fonction du représentant légal et du représentant légal suppléant du collectif ou du forum des collectifs ;</p> <p>(k) la source du patrimoine et son affectation en cas de dissolution du collectif ou du forum des collectifs.</p> <p>(2) Les règlements de l'Office peuvent déterminer des éléments supplémentaires qui doivent être inclus dans les statuts d'un collectif ou d'un forum des collectifs.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 23: Iseswa rikozwe n’urwego rukuru</u></b></p> <p>(1) Umuryango nyarwanda utari uwa Leta ushobora guseswa iyo byemejwe n’urwego rwawo rukuru hashingiwe ku mategeko shingiro yawo.</p> <p>f) Mu gihe urwego rukuru rw’umuryango nyarwanda utari uwa Leta rufashe icyemezo cyo cyo kuwusesa, rubimenyesha Urwego mu nyandiko mbere y’uko icyo cyemezo gishyirwa mu bikorwa.</p> <p>(2) Mbere yo gusesa umuryango nyarwanda utari uwa Leta, urwego rukuru rwawo, rubanza kwishyura imyenda no kubahiriza inshingano z’amasezerano ufite.</p> <p>(3) Iyo umuryango nyarwanda utari uwa Leta usheshwe, umutungo wawo uhabwa undi muryango nyarwanda utari uwa Leta bihuje intego.</p>	<p><b><u>Article 23: Dissolution done by the supreme organ</u></b></p> <p>(1) A national non-governmental organisation may be dissolved by its supreme organ in conformity with its statutes.</p> <p>(2) When the supreme organ a national non-governmental organisation decides to dissolve it, notifies the Board in writing before the execution of that decision.</p> <p>(3) Before dissolving a national non-governmental organisation, its supreme organ first settles debts and obligations under contracts.</p> <p>(4) When a national non-governmental organisation is dissolved, its assets are allocated to another national non-governmental organisation with a similar mission.</p>	<p><b><u>Article 23 : Dissolution faite par l’organe suprême</u></b></p> <p>(1) Une organisation non gouvernementale nationale peut être dissoute par son organe suprême conformément à ses statuts.</p> <p>(2) Lorsque l’organe d’une organisation non gouvernementale nationale suprême décide de la dissoudre, en informe par écrit l’Office avant l’exécution de cette décision.</p> <p>(3) Avant de dissoudre une organisation non gouvernementale nationale, son organe suprême règle d’abord les dettes et obligations contractuelles.</p> <p>(4) Lorsqu’une organisation non gouvernementale nationale est dissoute, ses actifs sont attribués à une autre organisation non gouvernementale nationale ayant une mission similaire.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24: Ibisabwa mu iseswa</u></b></p> <p>Mbere y’uko umuryango nyarwanda utari uwa</p>	<p><b><u>Article 24: Requirements for dissolution</u></b></p> <p>Before its dissolution, a national non-</p>	<p><b><u>Article 24 : Conditions de dissolution</u></b></p> <p>Avant sa dissolution, une organisation non</p>

<p>Leta, wubahiriza ibi bikurikira:</p> <p>(a) kubimenyesha mu nyandiko Urwego n'izindi nzego bifitanye imikoranire mu gihe cy'iminsi 90 mbere yuko useswa;</p> <p>(b) gutanga inyandiko zigaragaza ko habayeho gutangaza ko uwo muryango nyarwanda utari uwa Leta ugiye guseswa mu bitangamakuru nibura bibiri bisomwa cyane mu minsi 90 mbere y'uko iryo seswa rikorwa;</p> <p>(c) kugaragaza ibyemezo bihamya ko nta mwenda w'imisoro cyangwa w'i misanzu y'ubwiteganyirize urimo gitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;</p> <p>(d) kugaragaza imiryango nyarwanda itari iya Leta itatu ishobora gutoranywamo uwahabwa umutungo w'umuryango nyarwanda utari uwa Leta usheshwe.</p>	<p>governmental organisation complies with the following:</p> <p>(a) to notify in writing the Board and other organs with which it collaborates within 90 days before its dissolution;</p> <p>(b) to provide documents indicating that there has been an announcement of the forthcoming dissolution of the national non-governmental organisation in at least two most read media publications within 90 days before the dissolution is executed;</p> <p>(c) to provide clearance certificates for payment of tax and social security contributions liabilities issued by competent organs;</p> <p>(d) to identify three national non-governmental organisations from which to select the recipient of the assets of the dissolved national non-governmental organisation.</p>	<p>gouvernementale nationale se conforme aux conditions suivantes :</p> <p>(a) informer par écrit l'Office et les autres organes avec lesquels elle collabore dans les 90 jours précédant sa dissolution ;</p> <p>(b) fournir des documents montrant qu'il y a eu une annonce de la dissolution prochaine de cette organisation non gouvernementale nationale dans au moins deux publications médiatiques les plus lues dans les 90 jours précédant l'exécution de la dissolution ;</p> <p>(c) présenter des attestations de non-créance pour l'acquittement des obligations fiscales ou des cotisations à la sécurité sociale délivrées par les organes compétents;</p> <p>(d) identifier trois organisations non gouvernementales nationales parmi lesquelles sélectionner le destinataire des actifs de l'organisation non gouvernementale nationale dissoute.</p>
---	---	---

<b>UMUTWE WA IV: INGINGO ZIHARIYE KU MIRYANGO MPUZAMAHANGA ITARI IYA LETA</b>	<b>CHAPTER IV: PROVISIONS SPECIFIC TO INTERNATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANISATIONS</b>	<b>CHAPITRE IV : DISPOSITIONS PROPRES AUX ORGANISATIONS NON GOUVERNEMENTALES INTERNATIONALES</b>
<b><u>Ingingo ya 25:</u> Gusaba icyemezo cy'iyandikwa</b>	<b><u>Article 25:</u> Application for a certificate of registration</b>	<b><u>Article 25 :</u> Demande d'un certificat d'enregistrement</b>
<p>(1) Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe hanze y'u Rwanda ushaka gukorera mu Rwanda usaba Urwego icyemezo cy'iyandikwa hakurikijwe amategeko.</p> <p>(2) Urwego ruha umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta icyemezo cy'iyandikwa kimara igihe kingana no kuva ku mwaka umwe ariko kidashobora kurenza imyaka itanu.</p>	<p>(1) An international non-governmental organisation established outside Rwanda intending to operate in Rwanda applies for a certificate of registration to the Board in accordance with the laws.</p> <p>(2) The Board issues to an international non-governmental organisation a certificate of registration valid for a period of one year but not exceeding five years.</p>	<p>(1) Une organisation non gouvernementale internationale établie à l'extérieur du Rwanda et ayant l'intention d'exercer ses activités au Rwanda demande un certificat d'enregistrement à l'Office conformément aux lois.</p> <p>(2) L'Office délivre à une organisation internationale non gouvernementale un certificat d'enregistrement valable pour une période allant d'un an mais n'excédant pas cinq ans.</p>
<b><u>Ingingo ya 26:</u> Ibisabwa mu kwiandikisha umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta</b>	<b><u>Article 26:</u> Requirements for registration of an international non-governmental organisation</b>	<b><u>Article 26 :</u> Conditions pour l'enregistrement d'une organisation non gouvernementale internationale</b>
Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe hanze y'u Rwanda usaba icyemezo cy'iyandikwa ushyikiriza Urwego inyandiko zikurikira:	An international non-governmental organisation established outside Rwanda applying for the certificate of registration submits the following documents to the Board:	Une organisation non gouvernementale internationale établie à l'extérieur du Rwanda demandant le certificat d'enregistrement soumet les documents suivants à l'Office :

<p>(a) kopi y'amategeko shingiro awugenga ariho umukono wa noteri;</p> <p>(b) icyemezo cy'ubuyobozi bw'umuryango kiwemerera gukorera mu Rwanda;</p> <p>(c) kopi z'indangamuntu cyangwa pasiporo by'uhagarariye umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta n'abagize inama y'ubuyobozi yawo;</p> <p>(d) icyemezo cy'inkunga gitangwa n'umuterankunga w'umuryango;</p> <p>(e) imiterere y'ibikorwa umuryango uteganya gukora na gahunda yabyo;</p> <p>(f) imari izakoreshwa n'aho izaturuka;</p> <p>(g) gahunda y'ibikorwa by'umwaka by'uwo umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta uteganya gukora yuzuzanya na gahunda y'iterambere ry'Igihugu;</p> <p>(h) inyemezabwishyu igaragaza ko umuryango wishyuye amafaranga adasubizwa y'ubusabe bwo kwandikwa;</p>	<p>(a) notarized copy of statutes governing the organisation;</p> <p>(b) a management decision permitting the organisation to operate in Rwanda;</p> <p>(c) copies of identity cards or passports of the representative of the international non-governmental organisation and all members of its board of directors;</p> <p>(d) the proof of funding issued by the donor of the organisation;</p> <p>(e) the nature of the activities in which the organisation intends to engage in and an action plan;</p> <p>(f) the budget and its source;</p> <p>(g) the annual action plan of the international non-governmental organisation aligned with the national development plan;</p> <p>(h) proof of payment by the organisation of the non-refundable registration application fee;</p>	<p>(a) une copie des statuts notariés régissant l'organisation ;</p> <p>(b) une décision de la direction autorisant l'organisation à œuvrer au Rwanda ;</p> <p>(c) des copies des cartes d'identité ou des passeports du représentant de l'organisation non gouvernementale internationale et de tous les membres de son conseil d'administration ;</p> <p>(d) la preuve de financement délivrée par le donateur de l'organisation ;</p> <p>(e) la nature des activités dans lesquelles l'organisation a l'intention de s'engager et un plan d'action ;</p> <p>(f) le budget ainsi que ses sources ;</p> <p>(g) un plan d'activités annuel de cette organisation non gouvernementale internationale en rapport avec le plan national de développement ;</p> <p>(h) une preuve de paiement par l'organisation des frais non remboursables de demande d'enregistrement ;</p>
--	--	--

<p>(i) icyemezo gitangwa n'ubuyobozi bw'icyicaro gikuru cy'umuryango giha usaba ububasha bwo kwandikisha umuryango mu Rwanda;</p> <p>(j) amasezerano y'ubufatanye umuryango wagiranye na Minisiteri bireba cyangwa urundi rwego rwa Leta rufite mu nshingano ibijyanye n'ibikorwa by'uwo muryango;</p> <p>(k) imiterere y'imyanya y'imirimo y'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta;</p> <p>(l) imyirondoro y'abagize inama y'ubuyobozi yawo bose.</p>	<p>(i) a power of attorney issued by the management of headquarters of the organisation authorising the applicant to register the organisation in Rwanda;</p> <p>(j) memorandum of understanding with the line Ministry or another State organ whose responsibilities include the scope of activities of the organisation;</p> <p>(k) an organisational structure of the international non-governmental organisation;</p> <p>(l) curriculum vitae of all members of its board of directors.</p>	<p>(i) une procuration délivrée par la direction du siège de l'organisation autorisant le demandeur à faire enregistrer l'organisation au Rwanda ;</p> <p>(j) un protocole d'accord avec le Ministère de tutelle ou un autre organe de l'État dont les attributions englobent le champ d'activités de l'organisation ;</p> <p>(k) la structure organisationnelle de l'organisation non gouvernementale internationale ;</p> <p>(l) des curriculum vitae de tous les membres de son conseil d'administration.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 27:</u> Ibisabwa mu gusaba ubuzimagatozi bw'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe mu Rwanda</b></p> <p>Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe mu Rwanda usaba ubuzimagatozi ushyikiriza Urwego inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) amategeko shingiro ariho umukono wa noteri;</p>	<p><b><u>Article 27:</u> Application requirements for legal personality of an international non-governmental organisation established in Rwanda applying</b></p> <p>An international non-governmental organisation established in Rwanda applying for legal personality submits the following documents to the Board:</p> <p>(a) notarized statutes governing the organisation;</p>	<p><b><u>Article 27 :</u> Conditions de demande de personnalité juridique pour une organisation non gouvernementale internationale établie au Rwanda</b></p> <p>Une organisation non gouvernementale internationale établie au Rwanda qui demande la personnalité juridique soumet les documents suivants à l'Office :</p> <p>(a) les statuts notariés régissant l'organisation ;</p>

<p>(b) kopi z'indangamuntu cyangwa pasiporo by'uhagarariye umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta n'abagize inama yawo y'ubuyobozi;</p> <p>(c) imyirondoro y'abagize inama y'ubuyobozi bose;</p> <p>(d) imiterere y'ibikorwa umuryango uteganya gukora na gahunda yabyo;</p> <p>(e) imari izakoreshwa n'aho izaturuka;</p> <p>(f) gahunda y'ibikorwa by'umwaka umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta uteganya gukora yuzuzanya na gahunda y'iterambere ry'Igihugu;</p> <p>(g) inyemezabwishyu igaragaza ko umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wishyuye amafaranga ya serivisi adasubizwa;</p> <p>(h) amasezerano y'ubufatanye wagiranye na Minisiteri bireba cyangwa urundi rwego rwa Leta rufite mu nshingano ibijyanye n'ibikorwa by'uwo muryango mpuzamahanga utari uwa Leta;</p>	<p>(b) copies of identity cards or passports of the representative of the international non-governmental organisation and all members of the board of directors;</p> <p>(c) curriculum vitae of all members of the board of directors;</p> <p>(d) nature of the activities in which the organisation intends to engage in and an action plan;</p> <p>(e) the budget and its source;</p> <p>(f) the annual activity plan of the international non-governmental organisation aligned with the national development plan;</p> <p>(g) a receipt attesting that the international non-governmental organisation paid the non-refundable service fee;</p> <p>(a) memorandum of understanding with the line ministry or another government organ whose responsibilities include the scope of activities of the international non-governmental organisation;</p>	<p>(b) des copies des cartes d'identité ou des passeports du représentant de l'organisation non gouvernementale internationale et de tous les membres du conseil d'administration ;</p> <p>(c) des curriculums vitae de tous les membres du conseil d'administration ;</p> <p>(d) la nature des activités dans lesquelles l'organisation a l'intention de s'engager et un plan d'action ;</p> <p>(e) le budget ainsi que ses sources ;</p> <p>(f) le plan d'activités annuel de l'organisation non gouvernementale internationale en rapport avec le plan national de développement ;</p> <p>(g) un reçu attestant que l'organisation non gouvernementale internationale a payé les frais de service non remboursables ;</p> <p>(h) un protocole d'accord avec le Ministère de tutelle ou tout autre organe de l'État dont les attributions englobent le champ d'activités de l'organisation non gouvernementale internationale ;</p>
--	--	---

<p>(i) inyandiko igaragaza imiterere y'imyanya y'imirimo y'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 28: Ibisabwa mu gihe cyo kongerera igihe icyemezo cy'iyandikwa</u></b></p> <p>(1) Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe hanze y'u Rwanda wifuzaga kongerera igihe cy'icyemezo cy'iyandikwa ushyikiriza Urwego inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) amasezerano y'ubufatanye wagiranye na minisiteri bireba cyangwa urundi urwego rwa Leta bireba agaragaza igihe cy'ubufatanye;</p> <p>(b) ubusabe butanzwe binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga;</p> <p>(c) raporo y'ibikorwa;</p> <p>(d) gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari yawo;</p> <p>(e) icyemezo cy'umwimerere kigaragaza ahazaturuka inkunga gitangwa n'umuterankunga cyangwa ibaruwa itangwa</p>	<p>(b) an organisational structure of the international non-governmental organisation.</p> <p><b><u>Article 28: Requirements for the renewal of certificate of registration</u></b></p> <p>(1) An international non-governmental organisation established outside Rwanda that wishes to renew its certificate of registration submits the following documents to the Board:</p> <p>(a) a memorandum of understanding concluded with the relevant ministry or any other State organ indicating the duration of collaboration;</p> <p>(b) an application filed electronically;</p> <p>(c) the activity report;</p> <p>(d) its action plan and budget;</p> <p>(e) an original document showing the source of funding issued by the donor or a commitment letter from the headquarters of the</p>	<p>(i) la structure organisationnelle de l'organisation non gouvernementale internationale.</p> <p><b><u>Article 28 : Conditions de renouvellement du certificat d'enregistrement</u></b></p> <p>(1) Une organisation non gouvernementale internationale établie à l'étranger qui souhaite renouveler son certificat d'enregistrement soumet les documents suivants à l'Office :</p> <p>(a) un accord de collaboration conclu avec le ministère concerné ou l'organe de l'État concerné indiquant la durée de la collaboration ;</p> <p>(b) une demande déposée par voie électronique ;</p> <p>(c) le rapport d'activités ;</p> <p>(d) le plan d'action et son budget ;</p> <p>(e) un document original indiquant la source de financement fourni par le donateur ou une lettre d'assurance que le siège de l'organisation non</p>
--	---	--

<p>n'icyicaro gikuru cy'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta yo kwishingira ko kizatanga amafaranga akenewe;</p> <p>(f) inyemezabwishyu igaragaza ko umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wishyuye amafaranga y'ubusabe bw'ubuzimagatozi adasubizwa agenwa n'Urwego.</p> <p>(2) Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta washingiwe hanze y'u Rwanda usaba kongerera igihe icyemezo cy'iyandikwa hasigaye nibura iminsi 60 mbere y'uko icyemezo wari usanganywe kirangira.</p> <p><b><u>Ingingo ya 29: Ibindi bisabwa ku muryango mpuzamahanga utari uwa Leta</u></b></p> <p>Amabwiriza y'Urwego ashobora kugena ibindi bisabwa umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta igihe usaba icyemezo cy'iyandikwa, ubuzimagatozi cyangwa kongererwa igihe cy'icyemezo cy'iyandikwa.</p>	<p>international non-governmental organisation assuring necessary financial resources;</p> <p>(f) proof of payment by the international non-governmental organisation organisation of a non-refundable legal personality application fee as determined by the Board.</p> <p>(2) An international non-governmental organisation established outside Rwanda requests for renewal of the certificate of registration at least 60 days before the expiry date of the registration certificate previously received.</p> <p><b><u>Article 29: Additional requirements applicable to an international non-governmental organisation</u></b></p> <p>Regulations of the Board may determine additional requirements applicable to the application for registration, legal personality or renewal of the certificate of registration of an international non-governmental organisation.</p>	<p>gouvernementale internationale fournira les ressources financières nécessaires ;</p> <p>(a) une preuve de paiement par l'organisation non gouvernementale internationale des frais de demande de personnalité juridique non remboursables déterminés par l'Office.</p> <p>(2) Une organisation non gouvernementale internationale établit à l'étranger demande le renouvellement du certificat d'enregistrement au moins 60 jours avant la date d'expiration du certificat d'enregistrement précédemment reçu.</p> <p><b><u>Article 29 : Autres conditions applicables à une organisation internationale non gouvernementale</u></b></p> <p>Les règlements de l'Office peuvent déterminer des conditions supplémentaires applicables à la demande d'enregistrement, de personnalité juridique ou de renouvellement du certificat d'enregistrement d'une organisation non gouvernementale internationale.</p>
--	---	---

<p><b>Ingingo ya 30: Impamvu zo kutongera igihe icyemezo cy'iyandikwa cy'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta</b></p> <p>(1) Icyemezo cy'iyandikwa ry'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta nticyongererwa igihe iyo uwo muryango ubisaba utujuje ibisabwa biteganywa n'iri tegeko.</p> <p>(2) Iyo icyemezo cy'iyandikwa, ry'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta kitongerewe igihe, uwo muryango ushobora gutakambira Urwego urusaba kongera gusuzuma ubusabe bwawo mu gihe kitarenze iminsi 30 y'akazi ibarwa uherye ku munsu wamenyesherejwe icyo cyemezo.</p> <p>(3) Urwego rufata icyemezo ku itakamba rivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo kandi rukakimenyesha uwatakambye mu gihe cy'iminsi 30 y'akazi ibarwa uherye igihe rwakiriye gutakamba.</p>	<p><b>Article 30: Reasons for refusal to renew the certificate of registration of an international non-governmental organisation</b></p> <p>(1) The certificate of registration of an international non-governmental organisation is not renewed if the organisation does not fulfil the requirements provided for in this law.</p> <p>(2) When a certificate of registration of an international non-governmental organisation is not renewed, the organisation may lodge an appeal to the Board requesting for reconsideration of its request within 30 working days from the date of notification of the decision.</p> <p>(3) The Board makes a decision on the appeal referred to in paragraph (2) of this Article and notifies the applicant within 30 working days from the date of receipt of the appeal.</p>	<p><b>Article 30 : Raisons de ne pas renouveler le certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale</b></p> <p>(1) Le certificat d'enregistrement d'une organisation non gouvernementale internationale n'est pas renouvelé si l'organisation ne remplit pas les conditions requises prévues par la présente loi.</p> <p>(2) Lorsque le certificat d'enregistrement d'une organisation internationale non gouvernementale n'est pas renouvelé, cette organisation peut faire recours auprès de l'Office pour demander le réexamen de sa demande dans un délai de 30 jours ouvrables à compter de la date de notification de la décision.</p> <p>(3) L'Office prend une décision sur le recours visé au paragraphe (2) du présent article et en avise le demandeur dans un délai de 30 jours ouvrables à compter de la date de réception du recours.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 31: Ubuyo umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wivanaho umutungo</u></b></p> <p>(1) Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wifuza kwivanaho umutungo wawo uwuha umuryango nyarwanda utari uwa Leta cyangwa umuryango ushingiyeye ku myemerere ukora ibikorwa bifitanye isano n'ibyo wakoraga mu Rwanda.</p> <p>(2) Urwego rushyiraho ibigomba gukurikizwa mu kwivanaho umutungo ku muryango mpuzamahanga utari uwa Leta ushaka guhagarika ibikorwa byawo.</p>	<p><b><u>Article 31: Modalities for disposal of assets of an international non-governmental organisation</u></b></p> <p>(1) An international non-governmental organisation that wishes to dispose of its assets donates it to a national non-governmental organisation or a faith-based organisation that carries out activities relating to those it carried out in Rwanda.</p> <p>(2) The Board establishes guidelines for the disposal of assets of an international non-governmental organisation that wishes to cease its activities.</p>	<p><b><u>Article 31 : Modalités de disposition des actifs d'une organisation non gouvernementale internationale</u></b></p> <p>(1) Une organisation non gouvernementale internationale qui souhaite disposer de ses actifs en fait don à une organisation non gouvernementale nationale ou à une organisation confessionnelle qui exerce des activités relatives à celles qu'elle exerçait au Rwanda.</p> <p>(2) L'Office établit les directives applicables dans la disposition des actifs d'une organisations non gouvernementale internationale qui souhaite cesser ses activités.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 32: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'ibikorwa</u></b></p> <p>(1) Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta ushobora guhagarika by'agateganyo ibikorwa byawo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <p>(a) impamvu zitunguranye kandi ntakumirwa;</p> <p>(b) isoza ry'ibikorwa mu gihugu umuryango ukomokamo;</p>	<p><b><u>Article 32: Suspension of activities</u></b></p> <p>(1) An international non-governmental organisation may suspend its activities due to one of the following reasons:</p> <p>(a) sudden and unforeseeable events;</p> <p>(b) closure of activities of the organisation in the country of</p>	<p><b><u>Article 32 : Suspension des activités</u></b></p> <p>(1) Une organisation non gouvernementale internationale peut suspendre ses activités pour l'une des raisons suivantes :</p> <p>(a) des événements soudains et imprévisibles ;</p> <p>(b) la fermeture d'activités de l'organisation dans le pays</p>

<p>(c) ubushake bwawo;</p> <p>(d) irangira ry'ibikorwa wari wiyemeje.</p> <p>(2) Usibye impamvu iteganywa mu gika cya (1)(a) cy'iyi ngingo, umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta uteganya guhagarika by'agateganyo ibikorwa byawo, ubimenyesha mu nyandiko Urwego hasigaye nibura amezi atatu ngo uhagarike ibikorwa by'agateganyo, ukagenera kopi Minisiteri cyangwa urwego rwa Leta bireba.</p> <p><b><u>Ingingo ya 33: Ibisabwa umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wifuza guhagarika ibikorwa byawo</u></b></p> <p>(1) Umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta wifuza guhagarika ibikorwa byawo mu Rwanda ushyikiriza Urwego inyandiko zikurikira:</p> <p>(a) ibaruwa ibisaba yandikiwe Umukuru w'Urwego, ukagenera kopi Akarere ukoreramo na</p>	<p>origin;</p> <p>(c) its will;</p> <p>(d) completion of planned activities.</p> <p>(2) Except for the reason referred to in Paragraph (1)(a) of this Article, an international non-governmental organisation wishing to suspend its activities notifies the Board in writing at least three months before suspending activities and gives a copy to the relevant Ministry or State organ.</p> <p><b><u>Article 33: Requirements for an international non-governmental organisation that wishes to close down its activities</u></b></p> <p>(1) An international non-governmental organisation that wishes to close down its activities in Rwanda submits the following documents to the board:</p> <p>(a) a letter of request addressed to the Chief Executive Officer of the Board, with a copy to the District</p>	<p>d'origine ;</p> <p>(c) sa volonté ;</p> <p>(a) l'achèvement des responsabilités prévues .</p> <p>(2) Exception faite de la raison mentionnée au paragraphe (1)(a) du présent article, une organisation non gouvernementale internationale souhaitant suspendre ses activités en informe l'Office par écrit au moins trois mois avant de suspendre ses activités et en donne copie au Ministère ou à l'organe de l'État concerné.</p> <p><b><u>Article 33 : Conditions requises pour une organisation internationale non gouvernementale qui souhaite cesser ses activités</u></b></p> <p>(1) Une organisation non gouvernementale internationale qui souhaite cesser ses activités au Rwanda soumet les documents suivants à l'Office :</p> <p>(a) une lettre de demande adressée au Directeur Général en Chef de l'Office avec copie au District dans</p>
--	---	---

<p>Minisiteri cyangwa urwego rwa Leta bireba;</p> <p>(b) raporo y'ibikorwa n'iy'imikoshereze y'imari z'umwaka urangiye;</p> <p>(c) ibyemezo bigaragaza ko nta mwenda w'imisoro cyangwa imisanzu y'ubwitaganyirize urimo bitangwa n'inzego zibifitiye ububasha;</p> <p>(d) inyandiko zigaragaza ko habayeho gutangaza ko ugiye guhagarika ibikorwa byawo nibura mu bitangamakuru bibiri bisomwa cyane mu Rwanda;</p> <p>(e) urutonde rw'imitungo uwo umuryango ufite mu Rwanda;</p> <p>(f) urutonde rw'imiryango nyarwanda itari iya Leta nibura itatu ikora ibikorwa bifitanye isano na wo, wifuza guha umutungo wawo.</p> <p>(2) Umuryango mpuzamahanga utari uwa</p>	<p>where it works from and the relevant Ministry or State organ;</p> <p>(b) annual activity report and financial statements for the past fiscal year;</p> <p>(c) clearance certificates for payment of tax and social security contributions liabilities issued by competent organs;</p> <p>(d) documents indicating that there has been an announcement of the forthcoming closure of its activities in at least two most read media publications in Rwanda;</p> <p>(e) an inventory of assets the organisation owns in Rwanda;</p> <p>(f) a list of at least three national non-governmental organisations carrying out activities relating to its own to which the organisation wishes to donate its assets.</p> <p>(2) An international non-governmental</p>	<p>lequel elle travaille, au Ministère concerné ou à l'organe de l'État concerné ;</p> <p>(b) le rapport d'activités et les états financiers pour l'année fiscale écoulée ;</p> <p>(c) des attestations de non-créance pour l'acquittement des obligations fiscales ou des cotisations à la sécurité sociale délivrées par les organes compétents ;</p> <p>(d) des documents montrant qu'il y a eu une annonce de la fermeture prochaine de ses activités dans au moins deux publications médiatiques les plus lues au Rwanda ;</p> <p>(e) un inventaire des actifs que cette organisation dispose au Rwanda ;</p> <p>(f) une liste d'au moins trois organisations non gouvernementales nationales exerçant des activités liées aux siennes et auxquelles l'organisation souhaite faire don de ses actifs.</p> <p>(2) Une organisation non</p>
--	--	--

<p>Leta uhagarika ibikorwa byawo umaze kubyemererwa n'Urwego.</p> <p><b>UMUTWE WA V: GUKEMURA AMAKIMBIRANE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 34: Gukemura amakimbirane mu muryango nyarwanda utari uwa Leta</u></b></p> <p>(1) Amakimbirane avutse mu muryango nyarwanda utari uwa Leta acyemurwa n'urwego rushinzwe gukemura amakimbirane muri uwo muryango.</p> <p>g) Mu gihe umuryango nyarwanda utari uwa Leta unaniwe kwikemurira amakimbirane, wiyambaza impuzamiryango ubarizwamo kuyakemura.</p> <p>h) Mu gihe umuryango nyarwanda utari uwa Leta utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'impuzamiryango ubarizwamo, wiyambaza ihuriro ry'impuzamiryango.</p> <p>i) Mu gihe umuryango nyarwanda utari uwa Leta utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, wiyambaza</p>	<p>organisation closes down its activities upon approval of the Board.</p> <p><b><u>CHAPTER V: CONFLICT RESOLUTION</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Conflict resolution in a national non-governmental organisation</u></b></p> <p>(1) A conflict within a national non-governmental organisation is resolved by its conflict resolution organ.</p> <p>(1) When a national non-governmental organisation fails to resolve its conflicts, the conflict is referred to the umbrella to which it is affiliated.</p> <p>(2) When a national non-governmental organisation is not satisfied with the decision taken by the umbrella to which it is affiliated, it refers the dispute to the forum of umbrellas.</p> <p>(3) When a national non-governmental organisation is not satisfied by the decision taken by the forum of umbrellas, it refers the dispute to the</p>	<p>gouvernementale internationale cesse ses activités après avoir reçu l'approbation par l'Office.</p> <p><b><u>CHAPITRE V : RÉOLUTION DES CONFLITS</u></b></p> <p><b><u>Article 34 : Résolution de conflits dans une organisation non gouvernementale nationale</u></b></p> <p>(1) Un conflit au sein d'une organisation non gouvernementale nationale est résolu par son organe de résolution des conflits.</p> <p>(1) Lorsqu'une organisation non-gouvernementale nationale ne parvient pas à résoudre ses conflits, le conflit est soumis à l'organisation à laquelle elle est affiliée.</p> <p>(2) Lorsqu'une organisation non-gouvernementale nationale n'est pas satisfaite de la décision prise par le collectif dont elle est membre, elle fait recours au forum des collectifs.</p> <p>(3) Lorsqu'une organisation non-gouvernementale nationale n'est pas satisfaite par la décision du forum des collectifs, elle fait recours à l'Office.</p>
---	--	--

Urwego.	Board	
<p><b><u>Ingingo ya 35:</u> Gukemura amakimbirane hagati y'imiryango iri mu mpuzamiryango imwe</b></p> <p>(1) Iyo amakimbirane ari hagati y'imiryango nyarwanda itari iya Leta iri mu mpuzamiryango imwe, umuryango ubifitemo inyungu ushyikiriza ayo makimbirane urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rw'iyi mpuzamiryango.</p> <p>(2) Iyo hari umuryango uri mu makimbirane utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'impuzamiryango ubarizwamo, ushyikiriza ayo makimbirane ihuriro ry'impuzamiryango.</p> <p>(3) Iyo umuryango uri mu ayo makimbirane utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, ushyikiriza ayo makimbirane Urwego.</p>	<p><b><u>Article 35:</u> Conflicts resolutions between organisations affiliated to the same umbrella</b></p> <p>(1) When a conflict arises between organisations affiliated to the same umbrella, the interested party refers the conflict to the conflict settlement organ of the umbrella.</p> <p>(2) In case of dissatisfaction of an organisation that is party to the conflict with the decision of the umbrella, the organisation refers the case to the forum of umbrellas.</p> <p>(3) In case of dissatisfaction of an organisation that is party to the conflict with the decision of the forum of umbrellas, the organisation refers the case to the Board.</p>	<p><b><u>Article 35 :</u> Résolution des conflits entre les organisations affiliées à un même collectif</b></p> <p>(1) Lorsqu'un conflit surgit entre des organisations affiliées à un même collectif, la partie intéressée soumet le conflit à l'organe de résolution des conflits de ce collectif.</p> <p>(2) Lorsqu'une organisation partie au conflit n'est pas satisfaite de la décision prise par le collectif, elle renvoie le conflit au forum des collectifs.</p> <p>(3) Au cas où une organisation partie au conflit n'est pas satisfaite par la décision prise par le forum des collectifs, elle renvoie le conflit à l'Office.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 36:</u> Gukemura amakimbirane hagati y'imiryango itari mu mpuzamiryango imwe</b></p> <p>(1) Iyo havutse amakimbirane hagati</p>	<p><b><u>Article 36:</u> Conflict resolution between organisations affiliated to different umbrellas</b></p> <p>(1) When a conflict arises between</p>	<p><b><u>Article 36 :</u> Résolution des conflits entre les organisations qui ne sont pas affiliées à un même collectif</b></p> <p>(1) Lorsque un conflit surgit entre des</p>

<p>y'imiryango itari mu mpuzamiryango imwe, uruhande rubifitemo inyungu rushyikiriza ayo makimbirane ihuriro ry'impuzamiryango ubarizwamo.</p> <p>(2) Iyo hari uruhande ruri mu makimbirane rutanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, rushyikiriza ayo makimbirane Urwego.</p> <p>(3) Iyo impande zifitanye amakimbirane zidafite ihuriro ry'impuzamiryango zibarizwamo, zishyikiriza amakimbirane yazo Urwego.</p> <p><b><u>Ingingo ya 37</u> : Gukemura amakimbirane hagati y'impuzamiryango iri mu ihuriro rimwe</b></p> <p>Iyo havutse amakimbirane hagati y'impuzamiryango ziri mu ihuriro rimwe, uruhande rubifitemo inyungu rushyikiriza ayo makimbirane urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rw'iryo huriro.</p> <p><b><u>Ingingo ya 38</u> : Gukemura amakimbirane mu ihuriro cyangwa hagati y'amahuriro y'impuzamiryango</b></p> <p>(1) Iyo impuzamiryango ziri mu ihuriro ry'impuzamiryango rimwe zigiranye</p>	<p>organisations affiliated to different umbrellas, the interested party submits the conflict to the forum of umbrellas to which it is affiliated.</p> <p>(2) In case a party to the conflict is not satisfied with the decision taken by the forum of umbrellas, the party refers the conflict to the Board.</p> <p>(3) In case the parties in conflict are not members of any forum of umbrellas, they refer their conflict to the Board.</p> <p><b><u>Article 37</u>: Conflicts resolution between umbrellas within the same forum of umbrellas</b></p> <p>When a conflict arises between umbrellas that are affiliated to the same forum of umbrellas, the interested party refers the conflict to the conflict resolution organ of the forum of umbrellas.</p> <p><b><u>Article 38</u>: Conflict resolution within a forum or between forums of umbrellas</b></p> <p>(1) When a conflict arises between umbrellas that are affiliated to a same</p>	<p>organisations qui ne sont pas affiliées à un même collectif, la partie intéressée soumet le conflit au forum des collectifs auquel elle est affilié.</p> <p>(2) Au cas où une partie au conflit n'est pas satisfaite de la décision prise du forum des collectifs, elle renvoie le conflit à l'Office.</p> <p>(3) Au cas où les parties en conflit ne sont pas membres d'un forum des collectifs, elles soumettent leur conflit à l'Office.</p> <p><b><u>Article 37</u> : Résolution des conflits entre collectifs au sein d'un même forum des collectifs</b></p> <p>Lorsqu'un conflit survient entre des collectifs affiliés à un même forum des collectifs, la partie intéressée soumet ce conflit à l'organe de résolution des conflits de ce forum des collectifs.</p> <p><b><u>Article 38</u> : Résolution des conflits au sein d'un forum des collectifs ou entre des forums des collectifs</b></p> <p>(1) Lorsqu'un conflit survient entre des collectifs affiliés à un même forum des</p>
---	--	--

<p>amakimbirane, uruhande rubifitemo inyungu ruyashyikiriza urwego rushinzwe gukemura amakimbirane muri iryo huriro ry'impuzamiryango.</p> <p>(2) Iyo hari uruhande rutanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'ihuriro ry'impuzamiryango, rushyikiriza ayo makimbirane Urwego.</p> <p>(3) Iyo amakimbirane ari hagati y'impuzamiryango zitari mu ihuriro ry'impuzamiryango rimwe cyangwa hagati y'amahuriro y'impuzamiryango, uruhande rubifitemo inyungu ruyashyikiriza Urwego.</p>	<p>forum of umbrellas, the interested party refers the conflict to the organ in charge of conflict resolution of that forum of umbrellas.</p> <p>(2) When a party to the conflict is not satisfied with the decision of the forum of umbrellas, it party refers the conflict to the Board.</p> <p>(3) When a conflict arises between the umbrellas that are not affiliated to the same forum of umbrellas or between forums of umbrellas, the interested party refers the conflict to the Board.</p>	<p>collectifs, la partie intéressée soumet ce conflit à l'organe chargé de la résolution des conflits de ce forum des collectifs.</p> <p>(2) Lorsqu'une partie au conflit n'est pas satisfaite de la décision du forum des collectifs, elle renvoie le conflit à l'Office.</p> <p>(3) Lorsqu'un conflit survient entre des collectifs non affiliés au même forums des collectifs ou entre des forums des collectifs, la partie intéressée soumet le conflit à l'Office.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 39</u> Gukemura amakimbirane hagati y'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta n'indi miryango cyangwa izindi inzego</b></p> <p>(1) Amakimbirane yose avutse hagati y'umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta n'indi miryango cyangwa n'izindi nzego akemurwa mu bwumvikane.</p> <p>(2) Iyo ubwumvikane budashobotse, ikirego gishyikirizwa urukiko rw'u Rwanda rubifitiye ububasha</p>	<p><b><u>Article 39: Conflict resolution between an international non-Governmental organisation and others organisations or organs</u></b></p> <p>(1) Any conflict arising between an international non-governmental organization and other organisations or other entities is settled amicably.</p> <p>(2) Failure to reach a compromise, the case is brought before a competent court in Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 39 : Résolution des conflits entre une organisation internationale non gouvernementale et d'autres organisations ou organes</u></b></p> <p>(1) Tout litige qui surgit entre une organisation internationale non gouvernementale et d'autres organisations ou d'autres entités est réglé à l'amiable.</p> <p>(3) À défaut de parvenir à un compromis, le litige est porté devant la juridiction rwandaise compétente.</p>

<b>UMUTWE WA VI: AMAKOSA N'IBIHANO</b>	<b>CHAPTER VI: FAULTS AND SANCTIONS</b>	<b>CHAPITRE VI : FAUTES ET SANCTIONS</b>
<b><u>Ingingo ya 40: Kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko</u></b>	<b><u>Article 40: Violation of the provisions of this law</u></b>	<b><u>Article 40 : Manquement à ses obligations</u></b>
<p>(1) Umuryango utubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko uba ukoze ikosa kandi Urwego ruwuhaniye kwihanangirizwa mu nyandiko.</p> <p>(2) Iyo habayeho isubirakosa, Urwego ruhanisha umuryango guhagarikwa by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu kandi bikamenyeshwa abafatanyabikorwa bawo, abaterankunga bawo n'inzego za Leta bireba mu nyandiko.</p> <p>(3) Icyakora, hatitawe ku biteganywa mu gika cya (1) n'icya (2) by'iyi ngingo, umuryango –</p> <p>(a) utacyujuje kimwe mu bisabwa byashingiweho uhabwa ubuzimagatozi cyangwa wandikwaga;</p> <p>(b) watanze amakuru atari ukuri cyangwa ayobya mu gusaba</p>	<p>(1) An organisation that violates the provisions of this law commits a fault and the Board imposes to it a sanction of written warning.</p> <p>(2) In case of recidivism, the Board suspends the organisation for a period not exceeding three months and notifies in writing its partners, donors and the State organs concerned.</p> <p>(3) However, without consideration of the provisions of Paragraphs (1) and (2) of this Article, an organisation –</p> <p>(a) that fails to continue to fulfil any of the requirements considered at the time of granting it the legal personality or certificate of registration;</p> <p>(b) that have provided false or misleading information in the process of</p>	<p>(1) Une organisation qui viole les dispositions de la présente loi commet une faute et l'Office lui inflige une sanction d'avertissement.</p> <p>(2) En cas de récidive, l'Office suspend l'organisation pour une période ne dépassant pas trois mois et en informe ses partenaires, ses donateurs et les organes de l'État concernés par écrit.</p> <p>(3) Toutefois, sans considération des dispositions des paragraphes (1) et (2) du présent article, une organisation –</p> <p>(a) qui ne continuent pas à remplir l'une quelconque des conditions sur la base desquelles la personnalité juridique ou le certificat d'enregistrement lui a été accordé ;</p> <p>(b) qui a fourni des informations fausses ou trompeuses lors du processus de</p>

<p>ubuzimagatozi cyangwa kwandikwa;</p> <p>(c) ukora ibikorwa bibangamira –</p> <p>(i) ubumwe bw’Abanyarwanda;</p> <p>(ii) amahoro n’umutekano;</p> <p>(iii) ituze rusange n’ubuzima rusange bya rubanda;</p> <p>(iv) umuco mbonezabupfura;</p> <p>(v) imyitwarire myiza;</p> <p>(vi) cyangwa ubwisanzure n’uburenganzira shingiro by’abandi;</p> <p>(d) cyangwa ukoresha imari n’umutungo bifite inkomoko itemewe n’amategeko y’u Rwanda;</p> <p>uba ukoze ikosa kandi Urwego ruwambura ubuzimagatozi cyangwa icyemezo cy’iyandikwa rukawuhanisha igihano cyo guhagarikwa burundu.</p>	<p>application for legal personality or registration;</p> <p>(c) that commits acts that jeopardise –</p> <p>(i) the unity of Rwandans;</p> <p>(ii) peace and security;</p> <p>(iii) public order and health;</p> <p>(iv) good morals;</p> <p>(v) good conduct; or</p> <p>(vi) freedom and fundamental rights of others; or</p> <p>(d) that uses funds and assets from illegal sources;</p> <p>commits a fault and the Board revokes its legal personality or certificate of registration and sanctions it by a definitive closure of operation.</p>	<p>demande de personnalité juridique ou d’enregistrement ;</p> <p>(c) qui commet des actes qui compromettent –</p> <p>(i) l’unité des Rwandais ;</p> <p>(ii) la paix et la sécurité ;</p> <p>(iii) l’ordre public et la santé publique ;</p> <p>(iv) les bonnes mœurs ;</p> <p>(v) la bonne conduite ; ou</p> <p>(vi) la liberté et les droits fondamentaux d’autrui; ou</p> <p>(d) qui utilise les fonds et avoirs provenant de sources illégales ;</p> <p>commet une faute et l’Office lui révoque la personnalité juridique ou le certificat d’enregistrement et lui impose la sanction de fermeture définitive d’activités.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 41:</u> Kunanirwa guhagarika by'agateganyo cyangwa gukuraho umwe mu bagize ubuyobozi</b></p> <p>Umuryango unanirwa guhagarika by'agateganyo cyangwa gukuraho umwe mu bagize ubuyobozi bwawo wakoze ikosa, uba ukoze ikosa kandi Urwego ruhagarika by'agateganyo cyangwa rugakuraho umwe cyangwa benshi mu bagize ubuyobozi bwawo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 42:</u> Andi makosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</b></p> <p>Urwego rumaze kugisha inama Minisiteri bireba, rubinyujije mu mabwiriza, rushobora kugena andi makosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi birebana n'imiryango.</p> <p><b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo 43:</u> Guhagarika by'agateganyo cyangwa gukuraho umwe mu bagize ubuyobozi n'ikoreshwa ry'umutungo w'umuryango wahagaritswe burundu</b></p> <p>Amabwiriza y'Urwego agena uburyo umuyobozi w'umuryango ahagarikwa by'agateganyo cyangwa akurwaho n'uburyo umutungo w'umuryango wahagaritswe</p>	<p><b><u>Article 41:</u> Failure to suspend or dismiss a member of the management</b></p> <p>An organisation fails to suspend or dismiss a member of its management who committed a fault, commits a fault, and the Board suspends or dismisses one or many of the members of management of the organisation.</p> <p><b><u>Article 42:</u> Other faults and administrative sanctions</b></p> <p>Upon consultation with the relevant Ministry, the Board may, through regulations, determine other faults and administrative sanctions applicable to organisations.</p> <p><b><u>CHAPTER VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 43:</u> Suspension or dismissal of a member of management and use of the property on an organisation closed definitely</b></p> <p>Regulations of the Board determine modalities of suspension or dismissal of a member of management and use of the property on an organisation closed.</p>	<p><b><u>Article 41 :</u> Défaut de suspendre ou de révoquer un membre de la direction</b></p> <p>Une organisation qui omet de suspendre ou de révoquer un membre de sa direction qui a commis une faute, commet une faute et l'Office suspend ou révoque un ou plusieurs membres de direction de l'organisation.</p> <p><b><u>Article 42 :</u> Autres fautes et sanctions administratives</b></p> <p>Après consultation du Ministère concerné, l'Office peut, par voie réglementaire, déterminer d'autres fautes et sanctions administratives applicables aux organisations.</p> <p><b><u>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 43 :</u> Suspension ou révocation d'un membre de la direction d'une organisation et utilisation des biens d'une organisation définitivement fermée</b></p> <p>Les instructions de l'Office déterminent les modalités de suspension ou renvoi d'un dirigeant d'une organisation et utilisation des biens d'une organisation suspendue</p>
--	--	--

<p>burundu ukoreshwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 44: Igihe cyo guhuza n'ibiteganywa n'iri tegeko</u></b></p> <p>(1) Umuryango usanzwe ufite ubuzimagatozi cyangwa icyemezo cy'iyandikwa ugomba guhuza imikorere n'amategeko shingiro byawo n'ibiteganywa n'iri tegeko ukabimenyeshya Urwego mu gihe kitarenze amezi 24 abarwa uhereye ku munsu iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>(2) Umuryango udahuje imikorere n'amategeko shingiro byawo n'ibiteganywa n'iri tegeko mu gihe giteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo uhita utakaza ubuzimagatozi bwawo cyangwa icyemezo cy'iyandikwa cyawo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 45: Ingingo y'ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 44: Compliance period</u></b></p> <p>(1) An organisation already with legal personality or certificate of registration must harmonise its functioning and statutes with the provisions of this Law and notify the Board within 24 months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>(1) An organisation that fails to harmonise its functioning and statutes with the provisions of this Law within the period provided under Paragraph (1) of this Article automatically loses its legal personality or registration certificate.</p> <p><b><u>Article 45: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p>définitivement.</p> <p><b><u>Article 44 : Période de conformité</u></b></p> <p>(1) Une organisation jouissant déjà de la personnalité juridique ou ayant un certificat d'enregistrement doit harmoniser son fonctionnement et ses statuts avec les dispositions de la présente loi et les soumettre à l'Office dans les 24 mois à compter de la date de publication de la présente loi au Journal officiel de la République du Rwanda.</p> <p>(2) L'organisation qui n'harmonise pas son fonctionnement et ses statuts avec les dispositions de la présente loi pendant la période prévue au paragraphe (1) du présent article perd automatiquement sa personnalité juridique ou son certificat d'enregistrement.</p> <p><b><u>Article 45 : Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été rédigée, révisée et votée en Ikinyarwanda.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 46: Ivanwaho ivanaho</u></b></p> <p>Itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta n'Itegeko n° 05/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nvamahanga itari iya Leta avanyweho</p> <p><b><u>Ingingo ya 47: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 46: Repealing provision</u></b></p> <p>Law n° 04/2012 of 17/02/2012 governing the organisation and functioning of national non-governmental organisations and Law n° 05/2012 of 17/02/2012 governing the organisation and functioning of international non-governmental organisations are repealed.</p> <p><b><u>Article 47: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 46 : Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>La Loi n° 04/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales et la Loi n° 05/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales internationales sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 47 : Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

Kigali, .....

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**  
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**  
**Vu et scellé du Sceau de la République :**

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux